

KRISTU ARAGARUTSE, ARIVUGIRA UKURI KWE**IBARUWA YA II**

(Iyi baruwa yagombye kuzirikanwa aho gusomwa)

Ndi **KRISTU**. Brw2/01Nubwo nkorera mu bushorishori bw'**IBONUNUMVA RIREMYI NYA-MANA**, ubushobozi bwanjye bwo kunyeganyeza¹ bugose isi yanyu. Brw2/02

Mu mvugo igereranya, mu “ibonunumva” ndi kure y’isi yanyu nk’uko izuba ryanyu riri kure y’ubutaka. Nyamara iyo uniyambaje utaryarya, nkuba hafi bihagije ngo ngufashe. Brw2/03

Hari benshi batazabasha kwakira aya **MABARUWA**. Bene abo bantu ntibarageza igihe cyayo. Brw2/04Hari abazagerageza kuyaniga kubera ko inyigisho zayo zizaba zibangamiye aho bakura imibereho cyangwa idini ryabo. Ntibazabishobora. Kurwanya aya **MABARUWA** bizayongerera imbaraga. Brw2/05Hari abazakirana ibyishimo aya **MABARUWA**, kuko muri roho zabo bazaba baramenye ko inyuma y’amadini y’isi hari **UKURI-IKIRUKURI** cy’imibereho. Abo bantu ni bo bazasagamba kandi amaherezo bakazarinda isi kwisenya ubwayo. Brw2/06Reka noneho nkomeze iby’imibereho yanjye mpereye aho nari ngejeje mu **IBARUWA** yanjye iheruka. Brw2/07Intego yanjye mu kubagezaho bimwe mu bireba imyinjirire yanjye mu buzima bw’akarubanda nk’umwigisha n’umuvuzi, ni ukubagezaho bubisi imyifatire n’imyitwarire y’ubuto bwanjye, n’ibyakikije kugera kwanjye ku bumuntu buhumeka Imana². Brw2/08Ni ngombwa ko mubasha kwiyumvisha uko Palestina yari imeze igihe nari ku isi kandi mukabona neza amakimbirane y’imbere inyigisho zanjye zabyutsaga mu bantu bari barasharazwemo³ amahame n’imihango gakondo bya Kiyahudi. Brw2/09

Ayo makimbirane ni yo asobanura impamvu abanditse amavanjili batashoboye kwandika uko bikwiye ibyo nagerageje kubigisha. Brw2/10

¹ Influence (*) Akanyenyeri kavuga ko ushobora kureba igisobanuro cy’ijambo ry’ikinyarwanda mu rutonde ruri ku musozo w’iyi Baruwa.

² Spiritualized humanhood (*)

³ Indoctrinated (*)

Mu mavanjili harimo kugaruka kenshi ku migani yanjye ivuga iby'Ubwami bw'ijuru cyangwa Ubwami bw'Imana,- abanditsi b'amavanjili bakoresheje izo mvugo zombi-, **ariko nta na hamwe bigeze bagerageza gucengera mu magambo ubwayo, gusuzuma iyo mvugo ishushanya, cyangwa guserura ibisobanuro byerekeye ubuzima bwa roho byihishe mu mvugo Ubwami bw'Imana cyangwa Ubwami bw'Ijuru.** Brw2/11

Uko nzagenda mvuga inyigisho z'ukuri nahaye rubanda, mumurikiwe n'ibyambayeho mu butayu hamwe n'ubumenyi bwanyu bw'ibikorwa by'ubuhanga, muzashobora kwumva mwabera duke mu byo nagerageje kwigisha icyo gihe. Brw2/12

Kubera ko ntacyo nagezeho gihagije, ni ngombwa kwongera kugerageza mu ntangiriro y'iki gihe, y'iki kinyagihumbi, **kubera ko ari ku bumenyi bwanjye mu bya roho n'ubushishozi by'ikirenga kandi byihariye igihe gikurikiye kizubakwa kandi kigatera imbere.** Brw2/13

Byari – kandi biracyari –ngombwa ku Mwigisha nk'uwo twabaye jye n'abandi, wumva birenze ibisanzwe kandi wiyeguriye wese mu bwenge no mu mutima gushaka **Ukuri kw'Imibereho**, kuza ku isi kugira ngo **AHIMBE AMAGAMBO** yo gusobanurira abatuye isi, bafungiranye mu magambo, ikihishe mu **RWEGO RUREMYI MPUZAHOSE** mu butagira iforoma⁴. Iyo Abigisha nk'abo bahumekerwamo batajya kubaho, abatuye isi bajyaga kuguma mu butamenya ikihishe aharenze isi – **gitegereje kugerwaho, umuntu akakikorakerera⁵ kandi akakimira ngo atize umurindi iterambere rya roho riri imbere.** Brw2/14

Si ibyo gusa - bavuga ko Bibiliya ari cyo gitabo gisomwa kurusha ibindi ku isi. Mu isura yayo y'ubu yarangije inshingano zayo. Ikiragano gishya, uko giteye, n'umurundo kikoreye w'imyumvire itari yo, ni igihato mu nzira y'imikurire ya roho. Igihe kirageze cyo kwinjira mu ngoma nshya y'imibonere n'imyumvire y'ibiri hakurya y'ibigaragara. Brw2/15

Kubera ko bitanshobokera kwongera kumanukira mu mubiri w'umuntu kugira ngo mvugane n'isi, kandi nkaba mfite izindi nzego nitaho, natoje roho ibihugukiye kwakira no gushyira mu nyandiko. Aho ni ho hafi nshobora kuza ngo twivuganire ubwanjye. Nizeye ko muzashobora kubyakira kandi mukabyemera. Brw2/16

Igikosheje icyo ari cyo cyose cyarahanaguwe. Mushobora kubyizera. Ibyabaye n'ikizwa ry'abarwayi mvuga mu mpapuro zikurikira ntabwo ari ingenzi. Byarabaye, ariko bibaherewe gusa kugira ngo bibashoboze kumva icyo bishaka kuvuga nyakuri mu rwego rwa roho. Brw2/17

⁴ Unformed state (*)

⁵ Experience (*)

Ndifuza ko, mu gihe musoma, muhuza ibintu uko byari bimeze hashize imyaka 2000 n'ubuzima bwanyu bwa none. Ndifuza ko mufata uwo bita 'Yezu' nk'urugero rw'igishobora kugerwaho n'umuntu uwo ari we wese witeguye kandi ushaka kuba umwe mu bashinga 'ingoma y'ijuru' ku isi. Brw2/18

Nubwo abatuye isi yanyu ya none ari abantu mwita abasilimu, biratana ngo ubumenyi n'imyigire bishya, bazobereye mu myitwarire igezweho no mu buryo bushya bwo kubana, mu by'ingenzi abantu bo muri iyo myaka yashize bari bameze nkamwe. Brw2/19

Kimwe namwe bagengwaga kandi bakagenzwa burundu na MUSHYIGUZI ZABO Z'IMPANGA zo

Guhambira - Kujugunya.

Ibiteye irari - Ibiteye isesemi. Brw2/20

Barakundanaga, bakangana, bakajora, bagashinja, bagaharabika, bakanegura, bakagira imigambi yo gutumbagira mu bushorishori bw'igihugu, bagasuzugura abatsinzwe mu buzima, 'bagacishaho' rwihishwa nk'uko mubyita, kandi bagasesereza abatameze nka bo mu buryo ubwo ari bwo bwose. Brw2/21

Kugira ngo mbafashe gusobanukirwa neza no kwinjira mu gihe nari ku isi, "ibonunumva" ryanjye ryamanutse rigana urwego rwanyu rw'imibereho y'isi kugira ngo nongere kubaho uwitwa 'Yezu', n'amarangamutima hamwe n'ibyabaye nagizemo uruhare. Brw2/22

Igihe navaga mu butayu ngashyira ibirenge mu nzira igana umudugudu wanjye wa Nazareti, nari nkiri mu birere, mfite ibyishimo bisagamba mu bumenyi nari nahishuriranywe ikuzo mu butayu. Ibitekerezo byanjye nabyerekezaga byose ku byo **nari nize**, byaramuka biyobeye mu maforoma njarupfu y'imatekerereze yanjye ya kera ngahindukirira **'Data'** vuba na bwangu ngo impe umwuka no kwiyemeza bihagije mu kubitsinda. Muri ubwo buryo, nagarukiraga ubudahwema **Urumuri rw'ibonunumva n'imyumvire.** Brw2/23

Abantu bamwe bandebanaga amakenga, babona ibyishimo byanjye bivanze no gusa nabi. Brw2/24

Baribazaga bati ese mama ni inzoga zirimo zimudabagiza ? Abandi bandebanaga isesemi. Aho kugagambukana umujinya nka mbere, nibukaga ko nari nahawe umugisha w'amabonekerwa n'ubumenyi batashoboraga kwishushanya na gato mu mutwe. Nabahaga umugisha kandi nkabasengera ngo ijisho ryabo ry'imbere rifunguke nk'iryange, ubundi nkikomereza mu mahoro inzira igana imuhira. Brw2/25

Nyamara hariho abaturage barebanaga impuhwe imimerere yanjye yari ibabaje, bakihutira kujya mu nzu zabo kunshakira umugati ndetse na divayi kugira ngo bamfashe gukomeza urugendo. Buri gihe habonekaga umuntu uncumbikira. Koko **‘Ubuzima Data’** bwangobokaga mu bikenewe byose kandi bukandinda mu gihe ari ngombwa. icyo gihe cyose nta jambo navuze ryerekeye ibyumweru namaze mu butayu. Numvaga igihe cyo kubivuga kitaragera. Brw2/26

Amaherezo ngera i Nazareti, umugi nari ntuyemo, nuko abaturage bampa urwamenyo beruye, batunga agatoki umwanda wari undiho n’imyambaro y’ubushwambagara. ‘Umunebwe w’imburamukoro isa nabi’ yari amwe mu magambo arusha ayandi ubugwaneza bampundagazagaho. Brw2/27

Ngera ku muryango kwa mama niyumvamo igishyika, kubera ko nari nzi ko ari buhungabane kurusha abaturanyi be nambona mutungutse imbere: nanutse, amagufwa ashinyitse mu ruhu, amaso n’amatama byarahenengeye, mu maso harababutse, iminwa yarasatuwe n’izuba, ubwanwa bwarabaye ikigunda. Imyambaro yanjye weee! Mama yashoboraga gusara abonye imyambaro yanjye - yataye ibara kubera umukungugu wo mu butayu, yaracikaguritse isigaye ari ibishwangi. Brw2/28

Nzamuka amadarajya niteyemo akanyabugabo ko kwihanganira icyokere cy’uburakari bwa mama. Nkomanze mushiki wanjye aza ku rugi. Aranyitegereza, yasamye, amaso yaturumbutse kandi ubwoba bwamurenze, noneho ankubitiraho urugi mu maso. Nashoboraga kumwumva yirukanka agana inyuma mu nzu, asakuza ngo : “Mama, banguka, hari igisaza gisa nabi ku muryango”. Brw2/29

Nashoboraga kumva mama aza yihutira ku rugi yitonganya. Arukingura ingunga imwe maze aruma, nk’ukubiswe n’inkuba. Ndamwenyura ariko amara akanya anyitegereza, kuva hejuru kugera hasi, n’igishyika kigenda kiyongera uko yagendaga abona neza ko icyo kiremwa giteye ubwoba cyari koko umuhungu we w’ikigomeke, Yezu. Brw2/30

Muhereza ikiganza mvuga nti: “Ndabizi ko ngutera agahinda kenshi, ariko se ushobora kumfasha?” Brw2/31

Ako kanya isura ye irahinduka maze arankurura aranyinjiza, afunga urugi. Brw2/32

Abwira mushiki wanjye wari ugifite ubwoba ati “vuba, hagarika urwo rusaku ushyushye amazi. Dore musaza wawe yishwe n’inzara. Ingorane zose yaba yariroshyemo ziribazwa. Ni uwacu, agomba kwitabwaho.” Brw2/33

Amfasha yitonze gukuramo imyambaro, anyunamisha hejuru y’ibesanyi ngari y’amazi maze aranyuhagira. Imisatsi n’ubwanwa arabimesa kandi arabikata, maze ibisebe by’umubiri n’iminwa yanjye abisiga amavuta avura. Twembi nta wavugaga. Nishimiye

urwo rukundo yangaragarije maze ngerageza kumwerekana ishimwe mufitiye nkoresheje kumwegerana ubugwaneza n'urugwiro byisumbuye. Brw2/34

Amaze kumfasha kwambara ikanzu nziza, anyicaza ku meza y'ifunguro ryoroshye, rigizwe n'umugati, ubuki n'amata. Ansukira divayi agononwa kugira ngo inzamurire imbaraga, ariko byaragaragaraga ko yatekerezaga ko divayi yari nyirabayazana w'imimerere yanjye iteye agahinda. Hanyuma anyereka aho ndyama maze aranyorosa. Nasinziriye amasaha menshi, nkangukana ubuyanja mu gitondo cyererana izuba nareberaga mu idirishya. Brw2/35

Ubu noneho nifuzaga kuvugana na mama ngo mubwire ko nari Umukiza koko, ariko utameze nk'uwo Abayahudi bishushanyaga. Brw2/36

Nashoboraga gukiza abantu inkurikizi mbi "z'ibyaha" byabo. Nashoboraga kubafasha kugarura ubuzima, uburumbuke, kuzurizwa ibyo bakeneye, kuko ubu nashoboraga kubigisha ku buryo bwuzuye uko isi yaremwe. Brw2/37

Igihe nageragezaga kumubwira, atangira kwishima no guhimbarwa. Ahaguruka n'ingoga ashaka kwiruka ngo ajye kubwira abaturanyi ko umuhungu we ari Umukiza koko -ko bashobora kumva ukuntu asigaye avuga neza, kandi ko yagize igisibo mu butayu! Brw2/38

Ariko namubujije gukora ibyo. Namubwiye ko ntari namubwira icyo neretswe mu butayu. Brw2/39

Kimwe mu bintu by'ingenzi nize cyari uko Abayahudi Gakondo bibeshyaga cyane mu kwemera "imana" ihora. Ikintu nk'icyo nta cyabagaho. Brw2/40

Ibyo byamuteye ubwoba kandi biramurakaza maze arasakuza: "None se ni gute Yehova azategeka isi, akatugira beza kandi tukumva abahanuzi niba ataduhana? Ubu usigaye wirata ku buryo ujya kubwira Abasaserdoti Bakuru umurimo wabo bahawe kuva mu gihe cya Musa? Urashaka kurushaho gusebya uru rugo?" Brw2/41

Atangira kurira, avugana uburakari ati:

- 'Ntiwigeze uhinduka na mba. Wahindutse gusa mu byo uvuga. Nta kindi wanzaniye usibye imibabaro. Nashoboye nte kwemera ko ushobora kuba Umukiza? Kubera ibyo bitekerezo byawe bidasanzwe nta kindi uzakora usibye gushyira rubanda mu kaga karenze akigeze kabaho.' Brw2/42

Abavandimwe banjye bumvise ataka baza biruka bashaka kunjugunya hanze. Kubera ko ntashakaga amahane, mpitamo gusohoka mu mahoro. Niba ari uku mama yarabyakiriye, nashoboraga kumenya ko n'undi wese ari ko azakira ibyo nashakaga kubabwira. Brw2/43

Numvise ko nari nkeneye igihe cy'ituze cyo kuguma hamwe no guceceka byuzuye ngo nshyire hamwe ibitekerezo n'ubunararibonye byanjye. Nagombaga gusenga ngo nereke uburyo buruta ubundi bwo kwegera Abayahudi ngo mbagezeho ubutumwa bwanjye bw' 'inkuru nziza'. Sinashidikanyaga ko '**Buzima Data**' yajyaga kumpa icyo nkeneye, nkagira aho mbona icumbi rikwiye. Brw2/44

Nubwo mama yari arakajwe cyane n'icyagaragaraga nk' 'ubwirasi' bwanjye, ntibyabuzaga umutima we w'urukundo n'impuhwe kubabazwa n'ubuzongwe bwanjye. Yataga hirya icyo ari cyo cyose nasaga n'ukomeyeho – ubwigomeke, gusuzugura idini ry'Abayahudi, guhangana n'ubuyobozi, ubwirasi n'ubwibone, ariko ntibyambuzaga kunkunda kandi yarahangayikishijwe cyane n'uko nashoboraga kurangiriza mu kaga karuta ako nigeze ntekereza ko gashoboka. Brw2/45

Acyaha abavandimwe banjye, abasaba guceceka, arahindukira arandeba. Aravuga ati: 'Ushobora kuguma hano kugeza worohewe'. Yongeraho ati : 'Igihe uri hano, ahari nabasha kukugaruramo ubwenge. Ubu nshobora kukubwira ko nusohoka ukajya mu mihanda ugatangira kuvuga nk'uko umaze kumbwira, uzarangiza wabaye nabi birenze uko wigeze. Rubanda bazagucira mu maso bakujugunyeho imyanda yaboze. Uri igisebo mu muryango wawe.' Brw2/46

Nuko, n'ubwo yari akirakaye, ndaseka, ndamushimira, muhoberana urugwiro. Ngumana na we nishimye, nzi neza ko inyuma y'ubwo burakari yari ampangayikiye cyane. Angaburira neza, andodera imyambaro mishya myiza. Nahaga agaciro ibyo yakoraga byose kugira ngo isura yanjye irusheho kuba nziza, kubera ko nari nzi ko kugira ngo ngende nemye mu bakire no mu bakene nagombaga kuba nambaye byemewe mu myambaro ikwiye. Brw2/47

Rimwe na rimwe mu rugo haburaga ibyo kurya. Ngakoresha ububasha bwa '**Data**' nkazana ibindi ntacyo mvuze. Nawe akicecekerera. Nari nzi ko yibazaga n'agahinda niba mu ngeso mbi nari nsanganywe narongeyemo iyo kwiba. Nyuma aza kumfatana umugati ushyushye kandi azi ko ntigeze nsohoka ngo mbe nawuguze, n'ifuru itakoreshejwe uwo muni. Brw2/48

Ntiyagira icyo avuga, ariko aranyitegereza anyibazaho. Ubwo mbasha kubona ko imyifatire ye itangiye guhinduka. Ntabwo yarakiyizeye. Atangira na we gusuzuma imyifatire ye kuri jye no ku kuri kw'amagambo yanjye.

'Mu by'ukuri ni iki cyamubayeho mu butayu? Yashoboye ate gukora umugati nta fu, nta musemburo, nta muriro? Biriya bishaka kuvuga iki? Ese ni we Mukiza?' Brw2/49

Ubundi umuvandimwe wanjye yitema mu kiganza. Yarababaraga cyane hamaze kuzamo amashyira. Aranyemerera nshyira ibiganza ku gikomere cye, ndasenga nitonze. Nashoboraga kubona ko yumvise '**Ububasha**' bumwinjiramo, kuko yandebye ku buryo budasanzwe. Brw2/50

Avuga make ati : ‘Ububare bwarangiye’. Agenda yijimye, kandi menya ko mu gihe yararimo akizwa ububabare atankunze kubera ko nashoboye kumukiza. Numva ko yari amfitiye ishyari. Brw2/51

Mushiki wanjye ashya ikiganza, undi muvandimwe na we agahora ataka umutwe. Bombi mbasha kubakiza. Brw2/52

Abavandimwe banjye hungu na kobwa batangira gutera urwenya ku ‘bubasha bwanjye bw’ubumaji’. Bakibaza ngo ‘ikibi’ nabakorera baramutse bandakaje. Mu rugo umwuka mubi uriyongera numva ngize agahinda kubera mama wahifuzaga amahoro. Brw2/53

Ariko yabonaga ko nahindutse mu myifatire bikamutera gukomera. Nari ndushijeho gutuza, nategekaga ku buryo bugaragara ukwivumbura, nacishaga make, narihanganaga, ntabwo nari nkijya impaka. Narushagaho kwita ku bandi, natega amatwi imyijujuto ye ya kigore, nkamufasha imuhira nsana ibikoresho byangiritse kandi nkajya mu misozi mu bahinzi ba kure kuzana imbuto n’imboga yashakaga. Ngera aho kumukunda byuje ubwuzu n’imbabazi nk’uko umubyeyi akwiye gukundwa. Brw2/54

Umunsi umwe ariharahara arambaza ati: ‘Uracyahamya ko Yehova ari umugani?’ Ndamusubiza nti: ‘Yubu yaravuze ati Yehova aramutse ahagaritse umwuka we, ikiremwa cyose gifite umubiri cyakorama. Uwo ni we ‘Yehova’ **nabonye kandi nemera**’. Brw2/55

Avuga akomeje ati: ‘Nta muntu n’umwe wigeze abona Yehova’. Brw2/56

Nsubiza ntujye nti ‘Nabonye **ICYahaye byose kubaho**. Nkita ‘**Data**’, kuko **KIRI URUKUNDO RUTAGIRA INENGE**’; nongeraho musekera nti ‘**URUKUNDO** rwuzuye kurusha urw’umumama’. **GIKORERA** imbere, muri no mu nyungu za buri kiremwa **Cyacyo** cyose. Ni icyo ‘**Data**’ muri jye cyakuzaniye ibintu byose wari ukeneye mu rugo kandi kigakiza abavandimwe banjye hungu na kobwa vuba na bwangu.’ Brw2/57

Nashoboraga kubona ko atangiye kwumvaho gato ibyo navugaga. Arabaza ati : ‘Icyaha urakivugaho iki?’ Brw2/58

‘Icyaha uko tucyumva nta kibaho. Tuvukira kwitwara uko twitwara. Tugomba kubona uburyo turenga ibitekerezo n’imyumvire byacu bya kimuntu, kubera ko bidutandukanya n’uburinzi bwa ‘Data’ bikatuzanira indwara n’ubutindi. Umunsi twashoboye kurenga ‘jye-babona’ tuzinjira mu Bwami bw’ijuru.’ Brw2/59

Mama arahindikira aragenda adakoma, bigaragara ko azirikana ibyo nari maze kumubwira ariko atakirakaye. Nari nzi ko yatekerezaga ku magambo navugaga kandi

yabonaga ko azahubanganya isi itekanye yari amenyereye. Nta kwemera kwe Yehova usezeranya inyoko muntu kuyihimuraho bikomeye iramutse itumviye amategeko ye, yari kumva ntaho asigaye kandi nta mutekano. Yibazaga ukuntu isi izamera niba irekewe abantu bonyine ngo babe ari bo bagenzura ibikorwa bibi byabo n'iby'abandi. Abami n'abatware na bo ubwabo bari babi mu bikorwa byabo. Nta Yehova uyobora kandi agahana abanyabyaha byajyaga kuzarangira bite? Brw2/60

Mu gihe nagaruraga imbaraga, niga Ibyanditswe bitagatifu nshyizeho umwete, kugira ngo nzashobore guhura n'Abafarizayi n'Abanditsi nifitiye ikizere. Byari ngombwa kandi ko menya ibyanditswe ku Mukiza, kubera ko nemeraga ndashidikanya ko nari "uwo" abahanuzi bavuze. Nashoboraga koko gutabara -gukiza- abantu ubutindi, indwara n'ubukene, ndetse nkabagarurira ubuziramuze n'uburumbuke, mbereka ukuri kw'Ingoma y'Ijuru n'**Ikirukuri** cya '**Data**'. Brw2/61

Maze kwumva ko niteguye bihagije kujya kwigisha no gukiza abarwayi, kugira ngo nshimishe mama nemera kujya mu rusengero rw'i Nazareti ku muni wa Sabato no gufata ijamba mu itorerero. Brw2/62

Nkuko bisanzwe, ndahaguruka bampereza igitabo cy'umuhanuzi Izayasi ngo nsome. Mpitamo igice cyahanuraga Umukiza uzaza akabohora Abayahudi ku ngoyi z'amoko yose:

“Roho wa Nyagasani arantwikiriye kuko yansize amavuta, kugira ngo mbwirize

Umukene inkuru nziza,

Yanyohereje gutangariza imbohe ko zibohowe,

N'impumyi ko zongeye kubona

Kurekura abakandamijwe,

Gutangaza umwaka w'impuhwe za Nyagasani.” Brw2/63

Hanyuma ndicara, ndavuga nti : 'Uyu muni mwabonye ubu buhanuzi bwanyuzurijwemo.' Brw2/64

Mu maso y'abantu hagaragaramo ukwikanga no gutangara, ariko nkomeza kuvuga, nzi neza ko '**Data**' iri bumbwire icyo mvuga. Amagambo araza nta kujijinganya.

Mbabwira iby'ubunararibonye bwanjye mu butayu kandi mbatekerereza iyerekwa ryanjye ry'uruhinja ruba umuntu mukuru, uko agenda akura akiboha atabizi n'imigozi n'iminyururu ya gatekerezi, bityo akipfukirana mu mwijima w'imbere **kandi akitandukanya ubwe n'Imana**. Mbasobanurira ko mu gukora gutyo bishyira ubwabo mu ikandamizwa ry'ababigaruriye, ubucakara, ubukene n'uburwayi. Brw2/65

Nti 'kuko IMANA ari URUMURI'. 'Kandi URUMURI ni rwo ibintu bigaragara byose bikoze. '**Kandi URUMURI ni URUKUNDO rukorera byose kunezereza umuntu.**' Brw2/66

Imigisha yose y'ubukungahare n'ubuziramuze byari bitegereje ku buntu uwo ari we wese ukunda Imana na gatekerezi, umutima, na roho ye, kandi akabaho atanyuranya na gato n'Amategeko y'Imana. Brw2/67

Igihe nari ndangije kuvuga, mu rusengeru hose bari bacecetse. Numva ko itorero ryari mu kintu kidasanzwe kandi gifite imbaraga, kandi ko ryari ryazamuwe mu rwego rwisumbuye rw'ibitekerezo, ryifuza ko hatagira ikidurumbanya ituze ry'ikirenga ry'icyo gihe. Brw2/68

Hanyuma batangira kwongorerana. Bibazaga uwo nari we! Bamwe bemeraga badashidikanya ko nari wa Yezu wo mu muryango wari uzwi mu mudugudu, ariko abandi bakabita hirya kubera ko nari navuze nk'ufite ububasha. Brw2/69

Njya kugira ibyago rero numva uburyo bwanjye bwa kera bwo kutihanganira abo banyamadini buragarutse. Kubera ko nari nzi ko mu gihe cyashize bari baransuzuguye, nari niteze kutakirwa. Nuko ngaruka mu myifatire yanjye ya kera yo guhangana maze ndabasaza. Muri uko kugagambuka kwanjye kwa kimuntu nikururira ishyano. Kandi koko habuzeho gato ngo ngatore. Brw2/70

Abakiri bato babishishikarijwe n'abasheshe akanguhe baransimbukiye bankurura banjyana mu mpinga y'urutare bagirango bandohe mpfe, ariko nsenga 'Data' ngo inkize. Mpumbije gato mbona bameze nk'abasaze ku buryo batari bakimenya ibyo bakora, barimo basubiranamo. Nuko mbasha kubasohokamo nyabangira ingata. Brw2/71

Byari bitangaje. Basaga nkaho batabonye ko nagiye. Brw2/72

Ndimu ntizwa n'ibyari bimbayeho, mbasha gutuma kuri mama mubwira ko mpise mva i Nazareti, ko manutse njya Kafarnawumu, umugi mwiza wari ku nkombe y'inyanja ya Galileya. Brw2/73

Nabanje gutekereza gusanga incuti zanjye za kera, ariko niyumvamo ko atari cyo cyari gikwiye. Nuko inzira yose kugeza ninjira mu muji ndasenga, nsaba 'Data' ngo inyobore kandi imfashe kubona icumbi. Nta mafaranga nari mfite, kandi sinashakaga gusabiriza. Brw2/74

Ndi mu muhanda ngenda, mbona umugore w'ijigija aje ansanga atendetse ku maboko ibikapu biremereye. Yari yitwaye nk'uwashenguwe n'agahinda kenshi, ameze nk'ubarize. Brw2/75

Ikintu kinzamo ndamuhagarika, mubaza aho nashobora kubona icumbi. Ansubiza muri make ko yari kumbonera aho ndara, ariko ko yarafite mu rugo umwana w'umuhungu warembye. Yongeraho ko avuye kugura ibiryo byo guha 'abahoza' baje kuhateranira ngo baze kuboroga umuhungu we namara gupfa. Brw2/76

Umutima wanjye umugirira agahinda ariko nanone urishima. Nari nahise nyoborwa ku muntu nashoboraga gufasha. Mugaragariza urugwiro kandi musaba kumwakira ngo mufashe kugeza ibikapu bye mu rugo. Aranyitegereza akanya gato yibaza uwo nshobora kuba ndi we, ariko asa n'unyuzwe n'uko nasaga n'imitwarire yanjye. Turi mu nzira mubwira ko yenda nshobora gufasha umuhungu we. Brw2/77

Arambaza ati: 'Uri umuganga?' Musubiza ko ntize iby'ubuganga, ariko ko ibyo bitambuzza kumufasha. Tugeze ku nzu ye, -nini, yubatse neza n'amabuye, igaragaza ubukire n'uburumbuke-, anjyana ku mugabo we aramubwira ati: 'Uyu muntu ari kuvuga ko ashobora kudufashiriza umwana.' Brw2/78

Azunguza umutwe ababaye cyane, ntacyo avuga. Umugore we, Miriyamu, anjyana hirya ambwira ko umugabo we yari yihebye kandi arakaye cyane. Brw2/79

Ati: 'Uwo mwana ni umuhungu wacu w'ikinege mu bakobwa benshi, none arashinja Imana ko ari yo yatumye umwana arwara. Miriyamu ararira. Ati 'niba avuga nabi Imana kuriya, ndibaza ibindi byago bigiye kuturundumukiraho?' Brw2/80

Ndamubwira nti: 'Komera!' 'Umwana wanyu mu kanya araba yakize'. Brw2/81

Yasaga n'utabyemera cyane, ariko anjyana mu cyumba umwana yari aryamyemo. Cyari cyuzuye ubushyuhe bubuza guhumeka, cyugarijwe n' 'abahoza' b'indondogozi zuzuye agahinda. Nsaba uwo mumama kubasohora ariko baranga. Bashakaga kureba uko biri bugende, bahava batseta ibirenge ari uko Miriyamu ahamagaye umugabo we ngo abibabwire. Nashoboraga kubumva bajya impaka na se w'umwana mu cyumba cyari iruhande. Brw2/82

Yatekerezaga ko uriya muntu ashobora gukora iki niba muganga yari yananiwe gukiza umwana? Ise yinjira mu cyumba kugira ngo yirebere ubwe. Brw2/83

Umwana we yarereranaga nk'uwapfuye, kandi afite umuriro mwinshi. Nyina asobonura ko nta cyamuregamaga mu nda kandi ko yararwaye impiswi. Byari bimaze iminsi myinshi ameze gutyo, kandi yari yarataye ibiro ku buryo muganga yari yaravuze ko ntacyo yashoboraga kumumarira. Ahari yari bupfe. Brw2/84

Ndamburira ibiganza ku mutwe w'umwana ndasenga, **nzi neza kandi nshimira mbikuye ku mutima**, ko **UBUZIMA 'Data'** bwajyaga gutemba mu mubiri w'umwana bunyuzwe mu biganza byanjye. Bityo umurimo wo gukiza ukuzuzwa. Numva ubushyuhe bw'ikirenga n'umushyitsi utimbya mu biganza, hamwe n'Ububasha bwisuka mu mubiri we wazahaye. Nasagutswe no gushimira nishimye. Mbega ukuntu Ubuzima Data bwari buhebuje buteye ubwuzu, iyo baburekaga bugakora umurimo wabwo kimeza wo gukiza ! Brw2/85

Nyina na se basa n'abahangayitse barebaga badahumbya bafatanye ibiganza bibaza icyari kigiye gukurikiraho. Babonye isura y'umwana wabo igenda iva buhoro buhoro ku mweru igana ku isura irushijeho kugaragaza ubuzima, bariyamiriyeye batangaye kandi banezerewe. Hashize akanya, umwana arandeba, avuga mu ijwi ryumvikana ati : 'Urakoze. Ubu ndumva meze neza. Ndashonje, ndashaka ikintu cyo kurya.' Nyina asekana umunezero, aramwiyegereza, ariko nanone asa n'utinya. Ati: 'Mwana wanjye sinshobora kuguha icyo kurya. Muganga yarakara.' Brw2/86

Koko rero muganga yari yategetse ko bamuha amazi gusa. Ndamwenyura ndavuga nti: 'Yakize, mushobora kumuha umugati na divayi kandi ntabigarura.' Brw2/87

Ise Zedekiya yari yatangaye cyane, yahindutse wese ibyishimo no gushimira. Amaze guhobera umwana we yakundaga cyane ahindukira ansanga ankamura ibiganza n'urugwiro rwinshi. Ankomanga ku rutugu azunguza umutwe adashobora kuvuga kubera amarira yamutembaga ku matama. Amaze kwiruhutsa yambukiranya icyumba cy'uruganiriro, abwira abarimo ati: 'Umuhungu wanjye waburaga gato ngo birangire yagaruriwe ubuyanja!' Brw2/88

Amagambo ye yakiranwa urwamo rw'ibyishimo, guhimbarwa, gushidikanya, kubyibazaho, guseka no gushimira. Nyina w'umwana yari ahagaze aho, mu maso habengerana ibitwenge. Brw2/89

Nyuma y'ibyo sinari ngikeneye kujya gushaka icumbi. Zedekiya amaze gutangaza 'abahoza' ababwira ko umwana yakize, kandi n'umwana ubwe agahinguka mu muryango aseka kandi yongera gusaba icyo kurya, 'abahoza' bose barankikije, buri wese antumira iwe. Ariko mpitamo kugumana na se w'umwana, warurimo uvuga noneho ko afite ibabazo byinshi byo kumbaza; yizeraga ko nshobora kubisubiza. Brw2/90

Bamaze gushyira ibiryo na divayi ku meza no gutumirira buri wese kurya agahaga, Zedekiya aricara maze abaza ikibazo cye cyambere. Ati: 'Wakoze ikintu kitigeze gikorwa n'umusaserdoti n'umuganga n'umwe. Ugukiza guturuka ku Mana yonyine. Nubwo uri umunyamahanga, ndumva ugomba kuba uva ku Mana'. Ndasubiza nti: 'Yego'. Abantu barajujura, batwawe n'amatsiko. Brw2/91

'Iyi ndwara yagwiririyeye umwana wanjye, cyari igihano cy'ikibi naba narakoze mu gihe cyahise ? Ni ikihe cyaha gikomeye nashobora gukora kigatuma Imana ishaka kuntwara umuhungu wanjye w'ikinege ?' Abenshi bashima ayo magambo. Brw2/92

Nti: 'Ubajije ikibazo nifuza gusubiza kuruta ibindi, Zedekiya. Imana iduha **UBUZIMA n'ukubaho**. Ntishobora kubidushikuza nk'uko umuntu yambura undi ikintu cy'agaciro kuko yamurakariye. Uko ni ko inyokomuntu yitwara. Ku Mana si byo. Kandi Imana ntabwo yicaye ku ntebe y'umwami ahantu runaka mu kirere nkuko abami bicara ku ntebe zabo bakayobora rubanda. Uko ni ko abantu babigenza kandi ni icyemerwa

cyanga kimuntu, - si ukuri. Uko Imana ikora bisumbye kure icyo gatekerezi ya muntu ishobora gushushanya cyangwa kurota. Jye jyenyine ‘nabonye’ **‘Icyaduhaye ukubaho’**, kandi nzi ko **KI**tari ‘Imana’ nk’iyo Abarabini⁶ bigisha. Nabonye ko **ICYO** ari **‘Urukundo Rwuzuye’** kandi kubera iyo mpamvu nahitamo kuvuga **‘Data’**, kuko nabonye ko **Gikorera** muri buri kintu kiriho, kikagiha kurama mu buziramuzi nkuko se w’umuntu akora kugira ngo abana be babone ibibatunga, imyambaro kandi batekane mu buvumo bw’urugo. **‘NaKI**bonye’ muri buri kintu cyose kiri mu isi. Brw2/93

Umuntu washidikanyaga arabaza ati ‘Ibyo bishoboka bite?’ Brw2/94

Nti: ‘Ntibyashobokera ikiremwa cyihariye icyo ari cyo cyose kuba hose icyarimwe. Ariko umwuka uba hose, nubwo tutabasha kuwubona. Ntibitubuza ariko kumenya – kandi tudashidikanya – ko ubaho koko kandi ko ufatiye runini imibereho yacu. Umwuka utariho ngo tuwuhumeke twapfa. Umunyeganyego w’umwuka, twita umuyaga, ntidushobora kuwubona, ariko tuwubona unyeganyeza ibibabi kandi ugasunika ibicu mu kirere, bityo tukamenya ko umwuka udukikije ukanatuba hejuru kandi ukaba ufite imbaraga. None reka mbabaze: ni ikihe gice cy’umuntu kirusha ikindi ireme n’agaciro. Umubiri we, cyangwa gatekerezi ye?’ Brw2/95

Bamwe basubiza ko ari umubiri, kuko atari ibyo, nta mwanya we yagira ku isi, ntiyashobora gukora, ntiyabonwa, ntiyamenyekana. Abandi bavugaga ko batekerezaga ko gatekerezi ye yari ifite agaciro kurusha umubiri. Brw2/96

Noneho ndasubiza nti: ‘Gatekerezi ye ni cyo gice kimufitiye agaciro kanini kuko idahari atabasha gutera ubushobozi umubiri we. Ntiyabasha kurya, kunywa, gusinzira, kwinyagambura, gushyira ibintu ku murongo, no kubaho. Nyamara gatekerezi ntigaragara. Tumenya gusa ko tuyifite kubera ibitekerezo ibyara kandi kubera ko ibyo bitekerezo hari imikorere birema mu buzima bwacu. Brw2/97

Twemera ko gatekerezi ikorera mu bwonko. Ni byo. None se ubwonko, bwabyawe n’umubiri, bwashobora gute kubyara imvugo, ibiyumviro, ibitekerezo, imishinga? Brw2/98

Ubu noneho mwagombye gusobanukirwa ko ari uko **‘Data’** iri mu imbere mu bintu byose; ni **Yo ‘gatekerezi’** iyobora iri inyuma ya gatekerezi ya muntu, ikora ibikorwa bikomeye **byayo** muri buri kiremwa kizima cyose. Tuzi ko ari uko bimeze kuko tubona ibirangamirwa biyiturukaho. Tubona imikurire y’abana, tubona ibiryo barya bihinduka ku buryo butangaje ibindi bintu bibatunga kandi bikabakuza. Ibyo bikorwa gute? Nta gitekerezo na mba tubifiteho, ntidushobora no kubyishushanya. Brw2/99

Kandi nubwo twabimenya, twakomeza kuyoberwa icyagennye imikorere y’ubuzima ikomeye kuriya ngo itangire mu mibiri mizima ya buri bwoko bw’ibirihohotse.

⁶ Rabbi/Rabbin : Umwigisha mu Idini rya kiyahudi.

Nimwitegereze mutangarire ukuntu imibiri ya buri bwoko bw'ibiriho yahimbwe ikaremwa nkana ku buryo ibasha guhindura ibyo irya ifunguro rikuza amagufwa, amaraso, umubiri.' Brw2/100

Umusore ariyamirira ati: 'Kubera ko ubitweretse tubonye ko bitangaje koko!' Brw2/101

'Ni byo! Ni byo! Dushobora kubona imibiri ikiri mito ikura ikanyura mu nzego zayo zinyuranye zo gukura, tukabona kandi gatekerezi izamukira hamwe n'ugukura k'umubiri kugeza ubwo abasore n'inkumi batangira kwifuza kurushinga no kuba ababyeyi na bo ubwabo. Hanyuma umurimo ukomeye wo gusama ukuzuzwa, intanga igakomeza gukurira mu nda ya nyina kugeza ubwo ivuka nk'umwana wuzuye. Nimutekereze! Ni nde ugena iryo kura rikurikiza umurongo udahusha mu nda y'umugore, ni he haturuka imirongo-mbonera iyobora imikurire myiza y'umutwe, umubiri n'ingingo zawo, kandi ntihindagurike kuva ku mugore ujya ku wundi no kuva ku bwoko ujya ku bundi? Brw2/102

'Ni nde wemeza igihe ntarengwa ibyara rizatangirira, ubushobozi bw'umubiri buzatuma umwana ashobora kuvuka, impamba y'amata y'umwana? Nimutekereze - ese ni nyina? Oya ntabwo ari nyina, ni umuhamya gusa w'ibimuberamo kuva abonanye n'umugabo we akamuteramo intanga ngo ihure n'iyeye. Imana se ikorera ibyo byose kure? Ibitekerezo byayo bigera kuri buri mugabo na buri mugore maze bikemeza igihe ibyo bintu byose bigomba kubera? Brw2/103

Oya, uwo murimo wose wuzuzwa n' **'Ububasha Buremyi bwa Gatekerezi', 'Ubuzima bukundana ubwenge'** muri buri kiremwa kizima. Tubona urukundo ababyeyi bakunda abana, baba inyoni, inyamaswa cyangwa abantu. Urwo rukundo ruva he? Rukomoka ku **'Bubasha Buremyi bwa Gatekerezi' - Rukundo Rutunganye** - rwa **'Data'** muri twe. Kuba **'Data'** yuzuzwa umurimo wayo mu bimera, mu biti, mu nyoni, mu nyamaswa no mu muntu ubwe, ni cyo kidushoboza kuba turi hano uyu munsu turi bazima, duhumeka, turya, dusinzira, tubyara, dusaza noneho tugapfa ngo twimukire ah'umunezero wisumbuye. Ibyo byose ni umurimo wa **'Data'** ikorera imbere muri twe. Mwashobora mute guhakana ukuri kw'ibyo navuze byose muri iri joro? Uyu munsu mwiboneye umwana urimo upfa agarurirwa ubuziramuze mu kanya gato - ni jye wamukijije? Reka da. Ku bwanjye ntacyo nshobra. Ni **'Ubuzima'**, ari bwo **'Data'** ikorera imbere mu bintu byose, bwaje busendereye imbaraga ngo busane umubiri ubabara kandi buwusubize mu buziramuze bwuzuye kubera ko nemeye ko **Buri** bubikore kandi sinshidikanye". Brw2/104

Mu cyumba hazamo ukwiruhutsa gutewe no kunyurwa. Urumuri rushya, gushishikara gushya, ndetse n'ubugwaneza bushya bigaragara mu maso. Miriyamu arabaza ati: 'Kuki umuntu ababara bikomeye kuriya?' Brw2/105

‘Kubera ko iyo umuntu arimo yibarukwa, igihe **Ubuzima** bufata iforoma mu ntanga, **BW**ambara ubumuntu bu**BU**tandukanya n’undi wese ku isi. Kugira ngo **BU**girwe bwo bwonyine, umubiri umwe, utagize ikindi bifatanye, nyamwigendaho, rudori, umuntu ku **GITI** cye, muri kamere ye yo ku isi **BU**shingwa - **bugenzurwa** na mushyiguzi ebyiri zifite imbaraga zikomeye kugira ngo yihambire ku bintu byose afitiye inyota kandi yigizeyo ibyo adashaka byose. Izo mushyiguzi ebyiri z’ifatizo mu muntu zisasira ibyo akora byose mu buzima bwe kandi ni zo zitera ibyago byose umuntu yikururira ubwe. Brw2/106

Nubwo ‘**Data**’ ikorera mu muntu, nta kintu na kimwe cy’ubumuntu yifitemo. **Kubera iyo mpamvu ‘Data’ ntacyo yihambiraho, ntacyo ijugunya, ntacyo ikatira ibihano, ndetse nta n’ ‘ubugiranabi’ yitaho. icyo umuntu akora cyose muntu yita ‘icyaha’ kibarwa gusa muri iyi si kandi gihanirwa gusa imbere y’iyi si - kuko ari Itegeko rigenga Imibereho yo mu Isi, nk’uko mubizi, ko icyo mubibye ari cyo muzasarura. Kubera ko akura UBUZIMA na GATEKEREZI kuri ‘Data’, umuntu na we ni umuremyi mu gitekerezo, amagambo n’ibikorwa. icyo umuntu atekereje, avuze, akoze kandi yemera, kimugarukira mu iforoma isa na cyo hirya yaho gato. Nta gihano gituruka kuri ‘Data’- Ibyago byose bigwa ku nyoko muntu ni abantu ubwabo babyikururira.’ Brw2/107**

Abantu barajujura bavuga ko iyi ari inyigisho idasanzwe, nyamara isobanutse kurusha ibyo bari barigishijwe byose kugeza ubwo. Amajwi menshi anshishikariza kurushaho kubabwira. Brw2/108

Nti: ‘Ndabibabwiye, muri jye mwabonye UBUZIMA bukora umurimo wo gukiza indwara; nimunkurikire maze muzumve ibyo mvuga ku NZIRA mugomba kugenda kugira ngo mugere ku mahirwe; mu magambo yanjye ni ho muzasanga UKURI kw’Imibereho kutigeze gutangazwa na rimwe n’undi muntu. Brw2/109

‘Umukiza bamuvuzeho ko azahishura amabanga yihishe kuva mu ntangiriro y’iremwa. Ndabibabwiye mu by’ukuri, ayo mabanga ni jye muzayumvana. Nimutega amatwi mwitonze kandi mukumva neza icyo ahaka, mugakurikiza ukuri kwayo kandi ntimuteshuke ku mategeko yayo, muzahindurwa bashya kandi muzinjira mu Bwami bw’Ijuru’. Brw2/110

Maze kuvuga abantu bamara umwanya batuje, nyuma hazamuka urwamo rw’ibiganiro bishishikaye cyane, ariko Zedekiya arahaguruka ababwira ko igihe cyari kigeze ngo urugo ruruhuke. Umwana we yari akeneye gusinzira ndetse n’umugore we n’abakobwa be bari bananiwe kubera ko bari barize cyane. Brw2/111

Twumvikana ko mu gitondo nzamanuka nkajya ku cyambu bakanzanira abarwayi. Bityo mbasha gutangira ubutumwa bwanjye, kandi byose bitunganyirizwa mu kanya

gato mu buryo bwiza bwashobokaga. Byasaga nk'aho iyo ndakiza abarwayi abantu batajyaga kwita ku byo mvuga no kubyakira. Ugukiza kwerekanaga ukuri kw'ibyo nashakaga kwigisha, naho inyigisho zanjye zigasobanura impamvu nabashaga kubazanira ugukiza kwa '**Data**'. Brw2/112

Mu gitondo cyakurikiye nabadukanye ibakwe n'ibyishimo, niteze kubona ibitangaza. Maze gusamura nsokokana na Zedekiya tugana icyambu cy'umugi. Umutima wanjye woherazaga urukundo ku bo nanyuragaho bose. Nabasuhuzanyaga urugwiro, mbabwira ko mfitiye 'inkuru nziza' abashaka kuyumva. Ngeze ku nyubako itangira amazi mpasanga abagabo, abagore n'abana bicaye hasi bantegereje. Bamwe bantegeraga ibiganza banyiyambaza. Abo bari bameze nk'abarembye, abandi bari ibimuga, benshi bari bafite ibisebe. Umutima wanjye wari ukibabara kubera iyo mimerere yabo iteye agahinda, ariko noneho nashoboraga no kwishima, kubera ko nari nzi ko atari '**Ugushaka kwa Data**' kwatumye bamera batyo. Reka da! Ahubwo '**Data ubwayo**' yari ugukiza gusa, ubuziramuze gusa, umubiri utunganye gusa. Nari nabigaragaje mu ijoro ryabanje, n'igihe nari iwacu. Nahimbazwaga n'uko nashoboraga kugaragariza uko kuri gutangaje imbaga z'abantu ubu bari bankikije. Brw2/113

Uruhanga rw'umukecuru warufite agahinda rurankurura. Yari azinze iminkanyari hose, ananutse kandi ahinamiranye. Ndamusanga mupfukama iruhande, muramburira ibiganza ku mutwe, maze mpita numva umuvumba w' '**Ububasha Data**' unyura mu biganza byanjye ukavumerera mu mutwe we kugeza ubwo umubiri we wose utigiswa n'**Imbaraga z'Ubuzima** zasukaga ubuyanja mu ngingo ze. Brw2/114

Ababibonaga barimo batangara bibaza ibyo nari ndimo mukoraho, ariko abandi bagacubya ingingimira zabo. Gahoro gahoro ingingo ze zitangira kurambuka, kuba ndende no guhagarara neza. Mu maso ye hakeshwa n'ibyishimo by'imbaraga zarimo zigaruka. Mufasha guhaguruka, nyuma ahagarara ku bwe yuzuye ishema. Yari yasazwe n'umunezero; atangira kurira, hanyuma araseka aranabyina, asaba abantu kumufasha kuririmba avuga ati: 'Nimusingize Imana', maze abari aho basubira muri iyo nyikirizo, bati 'Nimusingize Imana'. Bari bakozwe ku mutima cyane n'ibyo bari babonye. Brw2/115

Ikivunge cy'abantu bambyinganiragaho cyari gikabije ku buryo Zedekiya yibwirije umurimo wo kubashyira ku murongo. Mu buryo butunganye, afashijwe n'indorerenzi zuzuye amatsiko, anyoboraho abarwayi kugira ngo nshobore kubitaho nkurikije icyo bari bakeneye kurusha ibindi. Brw2/116

Kera kabaye, yumvise ananiwe, uwari yanyakiriye iwe antumirira gusubira iwe gufata ifunguro rya saa sita. Asezerera abo ntari nashoboye gukiza kubera kubura igihe, abizeza ko nzagaruka umunsi ukurikiyeho. Brw2/117

Habaye ikigoroba cy'umunsi mukuru - ibintu byinshi byo kuvuga - ibintu byinshi byo kwizihiza - byinshi byo kwigisha - byinshi byo kwiga - kandi byose koko ari 'inkuru nziza', abantu barabiyemereraga. Menya ko benshi banyakiraga nk'uvugisha ukuri ibyo 'nabonye' mu butayu. Brw2/118

Nuko bimara iminsi bikomeza bityo. Abantu bazaga kundeba baturutse kure kandi hagari. Zedekiya n'abandi bo mu ncuti ze bamfashaga gushyira imbaga z'abantu ku murongo kugira ngo mbashe gukiza no kwigisha. Rubanda bumvanaga ibyishimo. Bavuganaga ibyerekeye '**Data**' kandi bakagira amashyushyu yo gukomeza kumva ibijyanye n'iminyururu n'imigozi yaboheraga rubanda mu butindi. Brw2/119

Ikivunge kirakura ku buryo ntatinze kubona ko nagombaga gushaka abafasha banjye bwite nashoboraga kwiringira ngo banyunganire. Igihe cyari kigeze kugira ngo Zedekiya asubire kuyobora uruganda rwe rw'impu yari yarirengagije. Brw2/120

Nuko njya mu misozi gusengera guhitamo 'abigishwa'. Maze kwiyumvamo ko nzayoborwa ku byerekeye abo guhitamo ngaruka i Kaperinumu. Niyumvamo igitekerezo kinshishikariza cyane kumanuka nkajya ku nkombe y'amazi kugira ngo mvugishe abantu bamwe nari nabonye bumvana ubudahuga inyigisho zanjye. Ikibazo cyari ukumenya niba bazemera kureka inshundura zabo bakankurikira. Brw2/121

Ariko igihe mbahamagaye, Simoni, Andereya, Yakobo na Yohani bahita baza, bishimiye kumfasha mu murimo wanjye wo gukiza abarwayi no kwigisha. Hari n'abandi baje kunsanga igihe natangiye umurimo wanjye muri rubanda. Mva mu nzu y'uware wancumbikiye Zedekiya, anyizeza n'urugwiro ko nshobora kuhagaruka igihe nshakiye. Brw2/122

Uko ni ko natangiye ubutumwa bwanjye bw'umwigisha n'umukiza w'indwara, ngenda imijyi n'imidugudu ngana ahari hakenewe hose. Mbere yo gutangira nakoranyije abasore bari baremeye kumfasha bishimye. Bari bagiye kujya bumva inyigisho zanjye kandi bashoboraga gucangwa na byinshi mu byo nashakaga kuvuga. Byari ingenzi ko mbanza kubasonurira ibyabanjirije ibyampishuriwe mu butayu. Brw2/123

Mbabwira ko nubwo mbere niberagaho mu bunebwe nari naramanye impuhwe nyinshi kuri rubanda. Izo mpuhwe ni zo zari zaratumye ntera umugongo 'Imana' yigishwa n'aba Rabini. Igihe mvuze uburyo namaganaga Yehova uhana mbona ugushidikanya n'ubwoba bwinshi mu maso yabo. Brw2/124

Mfata umwanya uhagije wo kubasobanurira ko nibazaga ukuntu batinyukaga kuvuga ngo Imana 'nziza', kandi hari ububabare burenze urugero bwashyikiraga abana b'inzirakarengane. Uko nagendaga mvuga nabonaga mu maso yabo hagenda hacya. Nkomeza kubatekerereza ugushidikanya kwanjye kwa kera n'uburakari bwanjye

kugeza ubwo mbona umuhito⁷ wabo uhinduka uw’abakira, nyuma uw’abemera rwose. Brw2/125

Navumbuye ko nari nabavugiye ugushidikanya kwabo bwite n’ibibazo bari basanganywe batari barigeze bagira ubutwari bwo gushyira mu magambo. Uko twagiye tunganira nagiye numva ukwiruhutsa kwabo ko batari bakiri bonyine mu kunangirira rwihishwa inyigisho z’abarabini. Brw2/126

Mbabwira ko igihe cyaje kugera nkagenda ndushaho kubona neza ko nari ndimo mpfusha ubusa ubuzima bwanjye. Nashakaga guhinduka kandi numvaga cyane muri jye ko nagombaga kubanza kugana Yohani Batisita, nk’uko byagendaga, mu ntangiriro y’ubundi buryo bwo kubaho. Brw2/127

Nsiganura ibyambayeho mu gihe nabatizwaga no mu byumweru bitandatu namaze mu butayu. Nsobanura ko ibitekerezo n’ibyemerwa byanjye bya kera, imyifatire, ubwibone n’ubwigomeke byagiye byunyuguzwa gahoro gahoro mu ibonunumva ryanjye uko nagiye nca mu mahishurirwa n’amabonekerwa yimbitse byanyerekaga **‘Igihatse-byose’**⁸ ubu nitaga **‘Data’**. Nsobanura **kamere** ya **‘Data’** kandi ko iyo **Kamere Nya-mana** ari na yo yari igize **‘Ugushaka Nya-mana’**. Brw2/128

Mbabwira ko umuntu ubwe, mu gutekereza no kwitwara nabi, ari we ubwe wicutsaga kuri **‘Data’** muri we, kandi ko umuntu wenyine, abanje kwicuza, hanyuma agakesha gatekerezi n’amarangamutima bye, ari we washoboraga kubona inzira imugarura mu kunywa na **‘Data’**. Brw2/129

Ibyo byamara kuzuzwa, Kamere ya ‘Data’ yose igashobora kumanukira mu bwenge, umutima, umubiri na roho by’umuntu no mu bikikije ubuzima n’ubunararibonye bye. Ibyo byaba, umuntu nk’uwo akinjira mu Bwami bw’Ijuru bugengwa na ‘Data’, kandi n’Ubwami bw’Ijuru bukimikwa mu ibonunumva ry’uwo muntu. Noneho akaba ageze ku ntego iri inyuma y’imibereho ye. Brw2/130

Uko nabwiraga abigishwa banjye, nabonaga imyakirire yabo yigaragaza mu maso yabo. Ugushidikanya kwose kwari kwagiye. Ubu noneho bagaragazaga urumuri rw’umuseke w’isobanukirwa n’ibyishimo. Abo basore bahinduka abayoboke bashishikaye noneho batera hejuru bavuga bati ‘Iyi koko ni inkuru nziza’. Brw2/131

Nyamara, nyuma y’uko kwakira by’amavamuhira ibyo nari nababwiye byose, habaga igihe bibazaga niba ibyo nari narababwiye byose byarashoboraga kuba ukuri. icyo naracyumvise. Kugira ngo bagere aho bikuramo ishusho ya Yehova yari yarabasharazwe kure mu bwenge bwabo byasabaga ubutwari bwinshi. Brw2/132

⁷ Expression (*)

⁸ Reality

Habaga igihe bavuganaga hagati yabo bibaza uwo muntu uwo ari we wahamyaga ibitangaza nk'ibyo. Ese nk'ubwo baramutse bankurikiye hanyuma bikaza kugaragara ko koko nari intumwa ya Shitani? Ubwo byari kugenda bite? Yehova yajyaga kubahana yihanukiriye. Brw2/133

Bari bafite byinshi batakaza, urwego rwabo mu muryango nk'abasore bacisha make kandi b'abakozi, kumenyekana kwabo nk'abacuruzi n'abanyabukorikori, gutakaza umutungo wabo, utibagiwe inzitizi yarutaga izindi: kuba barakarirwa n'imiryango yabo ikabaca. Inyiturano yabo yari iyihe? Brw2/134

Mbabwira ko nta gihembo cyo ku isi nashoboraga kubizeza kubera kumfasha kwogeza “ivanjili y'inkuru nziza.” Sinashidikinyaga na gato ko aho twari buzajye hose twari buzahabwe ifunguro n'icumbi kandi tukakirwa neza na rubanda. icyo nashoboraga kubizeza cyonyine ni **Ukuri ko 'Data' yari izi ibyo bakeneye kandi ko yajyaga kubibuzuriza ikanabamenyera ubuziramuze. Nanashoboraga kandi kubizeza ko uko bazerekera 'Data' kandi bakizera 'Data' buri ntambwe y'urugendo bazagira amahirwe batigeze. Baziyumvira ubwabo icyo ari cyo Ingoma y'Ijuru mu rugero bazaba barashyize ku ruhande ibyifuzo bya 'jye-babona' kandi bakita ku bandi. Bazibonera ugukiza indwara bibongerere ukwemera kandi bibahe ubutwari bwo kwihanganira ingorane z'urugendo.** Brw2/135

Nguko uko twaje gutangira ubutumwa bwacu bwo gukwiza 'INKURU NZIZA' y' 'IVANJILI Y'UBWAMI'. Noherezaga abo basore imbere yanjye mu mijyi twabaga turi bujye gusura. Bahagera bakabwira rubanda ngo baterane kugira ngo bumve 'Inkuru Nziza y'Ubwami bw'Ijuru'. Abantu baratangaraga kandi bifuzaga kumenya ibirenzeho. Ariko abigishwa bakabashishikariza kujya guhamagara incuti n'abaturanyi, ko bari bubwirwe byose 'Yezu nahagera', kandi ko hari bunabe ugukizwa kw'abarwayi babo. Bashishikaye, benshi bihutiraga gufasha gukwiza 'inkuru nziza' mu kanya gato bakaba bateraniye mu mbaga nini cyane. Brw2/136

Jyewe, wari warigeze kwigomeka byimbitse n'umunya mwinshi ku nyigisho ndondogozi z'idini zakangishaga abantu urugomo, ibihano no kurimbuka kw'abanyabyaha, ubu noneho nagendaga nishimye ngiye guhura n'izo mbaga. Nari mfite 'inkuru nziza' yanjye yo kubasangiza ngo nkeshe umunsi wabo, hamwe n'ikizwa ry'indwara n'imibabaro ngo nshimishe ubuzima bwabo. Brw2/137

Aho kera natemberaga muri rubanda mu bugugu n'ibiganza birimo ubusa, nungukira ku bugwaneza bwabo ndetse rimwe na rimwe nkanakira impano zabo nta kubashimira bihagije, ubu noneho nari nje nitwaje uburyo bwinshi butanga ubuzima k'uwo ari we wese wari witeguye kumva amagambo yanjye kandi akayashyira mu bikorwa ngo ateze imbere ubuzima bwe. Brw2/138

Mwe murimo musoma izi mpapuro, ndifuza ko mwumva neza uko nari mpagaze icyo gihe, imimerere y'ibonunumva ryanjye nyuma y'imurikirwa ryanjye mu butayu, n'umuntu nagaragazaga nka 'Yezu' imbere y'abenegihugu. Bamfindafinzeho byinshi ku buryo ngiye kubibwirira ukuri. Brw2/139

Nari naravutse ku buryo nagombaga, maze kuba umugabo, kurangwa n'umubiri uteye neza, uruhanga runoze n'izuru rimeze nk'umunwa wa kagoma, ubwenge budasanzwe, gukunda guca amarenga no guseka - ariko, nka benshi muri mwe b'iki gihe, ntabwo nitaga ku mpano zanjye zirebana n'iby'isi. Igihe cyo kujya mu butayu, isura n'imyifatire byanjye mwavuga ko byari byaradindiye ugereranyije n'uko byagombaga kumera. Brw2/140

Igihe natangiraga gusuzuma no kwivumbura ku cyo nari narabaye cyo, n'ubwenge bwanjye bwari bwarababajwe no gukoreshwa nabi, buhora mu mpaka z'urudaca n'amacakubiri ku byerekeye idini, no gushimishwa n'imvugo y'agasuzuguro. Nasetsaga abantu. Abagabo n'abagore nashyikiranaga na bo barankundaga, ariko nta gushidikanya ko batanyubahaga. Aho ni ho haturutse gutangara kw'abari banzi, igihe navugiraga mu rusengeru rw'i Nazareti. Brw2/141

Igihe mama yanyitagaho kugira ngo ngarure ubuyanja, nakoresheje mbishyizemo imbaraga ubumenyi n'imurikirwa naherewe mu butayu. Ibyo binsubiza kuba uwo nagombaga kuba we. Brw2/142

Igihe natangiraga ubutumwa bwanjye, nari nzi neza ko ari jye jyeneyine wari ufitse ubumenyi bw'ikirenga bw'amabanga y'iremwa, ndetse n'ay'imibereho ubwayo. Ni yo mpamvu nashoboraga kuvuga ndashidikanya nti 'Nta n'umwe wigeze 'abona' 'Data' uretse jye'. Brw2/143

Nari nzi ko ibyo abantu bemeraga n'umutima wabo wose bitari byo, byari ingirwakuri. Nari nzi ko nari naratekerejwe by'umwihariko kandi nategurirwa na 'Data' ubu butumwa. Nari naragize umugisha wo guhabwa ingufu nyinshi z'umubiri, imvugo yifitemo injyana n'ubushobozi bwo guhanga imigani yuzuye ubwenge kugira ngo mbashe gutambutsa ubutumwa nta nkomyi mu buryo butari kuzigera bwibagirana. Brw2/144

Byongeye kandi kubera kubana na bo igihe kirekire numvaga abigishwa banjye neza ku buryo nari nzi ibyiringiro bari bakomeyeho kuruta ibindi, n'ibyarushaga ibindi kubatera ubwoba bw'igishyika; nari nzi icyabasetsaga cyane n'icyabateraga gukwena no kwandagaza abakire n'abirasi; kandi nari nazi ukuntu benshi, abato n'abakuru, bababaraga cyane, bacecetse kandi gitwari. Brw2/145

Nari nzi kandi nari mfitiye impuhwe nyinshi abaturage babagaho batinya, -cyangwa se bakagomba kwihanganira-, 'ibiboko by'amagambo' y'abafarizayi, kandi bagaheta umugongo kubera amategeko asoresha y'Abanyaroma. Nari nzi ukuntu

bakomeretswaga mu ishema ryabo nk'Abayahudi n'abapagani babigaruriye babahatiraga kububaha mu mvugo no kubaramutsa n'ibiganza cyangwa bapfukamyeye, ariko bo bakabasuzugurira inyuma y'inzugi zikinze. Nari nzi kandi numvaga rwose ubuzima n'imitekerereze by'abaturage. Nari narigeze kwigiramo ibitekerezo byabo, kwiyumvamo inzika zabo, kubabazwa nka bo n'uguhangayika mu gihe cy'ubukene, kumva ntacyo nshoboye mu minwe y'ubutegetsi bw'Abanyaroma. Brw2/146

Ubu noneho nari nzi ko mu by'ukuri nta bubabare na bumwe muri ubwo bwari ngombwa. Brw2/147

Kubera uburyo nari nzi *Ikirukuri cy'imibereho, Ikirukuri cy'Imana Mpuzahose*, nashoboraga kubona ku buryo bugaragara ubusazi bw'abategetsi b'Abayahudi bakandamirishaga abaturage uburyo bwo kubaho bukocamyeye ku buryo budasubirwaho, kandi bwagonganaga n'*Ukuri ko Kuba*. Ibyo byanteraga uburakari bukabije. Brw2/148

Ku bw'ibyo, nari nzi ko nari narateguwe ku buryo nta makemwa ngo nzabe igikoresho gisukuye cy'Umurimo Nya-mana muri Palesitina – uyobowe no gukunda UKURI kwanjye kandi uyobowe n'impuhwe ngirira abo dusangiye ubumuntu. Ni yo mpamvu niyitaga 'Umwana w'umuntu' kuko nari nzi nta shiti icyo abantu bari bahanganye na cyo mu buzima bwabo bwa buri muni. Brw2/149

Byongeye kandi nari nifitiye icyizere cyuzuye cyo gushobora kugera ku ntego zanjye zo kugeza Ukuri kuri rubanda bityo nkababera igikoresho cyo guhindura agaciro k'ubuzima bwabo. Ni yo mpamvu, nubwo nari nzi kuva mu ntangiriro y'umurimo wanjye ko hari ihazabu nari buzagombe kwishyura kubera ibyo nateganyaga gukora byose – gucurukura isi y'Abayahudi yari izwi - nari niteguye guhangana n'icyo gihano, kucyambukiranya, sinashoboraga kugihunga kubera ko nakundaga rubanda n'URUKUNDO 'Data' rwatembaga mu mutima no mu kuba kwanjye. Kuko URUKUNDO 'Data' ari rwo buntu bw'IMPANO⁹ – rwitanga Ubwarwo mu kuba kugaragara no mu mibereho igaragara, mu gukura, kurinda, kugaburira, gukiza no kuzuzanya ibikenewe byose by'iremwa ryose ryagaragajwe. Brw2/150

Nari nzi ko nari impano y'agakiza 'Data' yahaye rubanda, -yahaye isi-

ATARI -

Nk'uko babikekaga kandi babyigishaga kuva imyaka amagana - agakiza

k'igihano

Cy'Imana yarakaye ku 'banyabyaha' -

AHUBWO ARI -

Gukiza rubanda guhora basubiramo buri muni amakosa amwe mu gutekereza nabi – imitekerereze ifutamye yabaremeraga amakuba,

ubukene, indwara n'ubutindi. Brw2/151

⁹ Essence of giving (*)

Kubera ko nakundaga inyoko muntu ku buryo bwimbitse bene ako kageni, nari niteguye kwigisha no gukiza ntitaye ku kutabishaka kw'Abasaserdoti b'Abayahudi. Nari niteguye gupfira ku musaraba kubera ibyo nari 'narabonye' nta gushidikanya mu butayu, nkaba nari mbizi n'umutima wanjye wose, kandi nshaka kubisangiza kugeza ku gitonyanga cya nyuma cy'ubushobozi bwanjye bwo kubikora. Brw2/152

UKO NI KO KURI KURI INYUMA Y'IBAMBWA RYANJYE KU MUSARABA, NAHO IBISIGAYE MWUMVISE NI IBIHIMBANO BYA MUNTU BITURUKA MU MUGENZO WA KIYAHUDI W'IBITAMBO BITWIKWA MURI HEKARU. Brw2/153

.....

Nari impano 'Data' yahaye abantu ngo ibafashe kurenga ubujiji bwabo ku byerekeye Amategeko agenga Imibereho, kandi ngo babone Inzira y'Ubuzima y'ukuri iganisha ku byishimo, umudendezo, n'ubwuzure butarangwamo igitotsi bw'Ingoma y'Ijuru. Brw2/154

Ibyo ni byo byari imibonere, ibyifuzo, imigambi, intego n'ibitekerezo nagendanaga mu bwenge no mu mutima. Iyo ni yo yari iforoma yo ku isi ya gatekerezi-n'amarangamutima yari yambitse ibonunumva-rya-roho ryanjye ryari ryihishe mu mutwe no mu ishusho bya 'Yezu'. Brw2/155

Ni ibonunumva rya roho ryanjye, ryanyuraga mu maforoma yavuzwe y'ibitekerezo n'ibiyumviro, ryampatiraga gufata urugendo rw'imyaka itatu kugira ngo nzanire rubanda icyo nemeraga ndashidikanya ko cyari ubufasha bwa nyuma mu kubakiza ubuhumyi bw'imitekerereze n'imiyumvire bwabaremeraga ubuzima buhungabanye. Nemeraga ndashidikanya ko iyo rubanda bashobora kwerekwa gusa ibyo nari narahawe gusobanukirwa byose, bajyaga kubona neza ubusazi bwabo bwa kera, maze bagakora iyo bwabaga ngo bahindure uburyo bwabo bwo gutekereza, kandi bashyire ikirenge mu Nzira y'Ubuzima iyobora mu Bwami bw'Ijuru. Kubera iyo ntego, nari niteguye gutanga ubuzima bwanjye. Brw2/156

Kubera igisobanuro kitari cyo cyageretswe ku butumwa¹⁰ bwanjye n'abigisha b'Abayahudi, ubutumwa¹¹ nyakuri bwanjye bwaragoretswe kugeza aho butakimenyekana, none aya mabarurwa agamije kugeza kuri rubanda b'iki Gihe Gishya ukuri kw'ibyo nabwiye koko imbaga muri Palestina. Brw2/157

Tugarutse rero ku nkuru yanjye y'iyi minsi, nimureke mbagarure ku muni udasanze weze imbuto mu banyumvaga kandi ukiyandika ku buryo burambye mu bwenge bw'abigishwa banjye. Brw2/158

Kubera izo mpamvu wambereye nanjye umunsi wihariye. Brw2/159

¹⁰ Mission

¹¹ Message

Mfata umwanya wo kwiya igitutu cya rubanda ngo nje mu misozi gusenga no kuzirikana kugira ngo nsubize ingufu muri za batiri za roho yanjye nubaka umuyoboro ucengera, ukomeye kandi wisumbuyeho mu bubasha, umpuza na **'Data'** muri jye. Uwo muyoboro wijimaga vuba mu ibonumva ryanjye iyo nabaga mpugiye mu mbaga z'abantu ku buryo nagwaga agacuho. Nkigera mu buvumo nakoreshaga igihe nabaga ndi muri ako karere, nkurura isaso yari ihishe mu nsi y'urutare ndaryama ngo nsinzire. Nyamara aho gusinzira mpita numva umuvumba unyisukamo w'**Ubuzima Nyamana**, **'Data'**, umunaniro urayoyoka mu gihe umubiri wapakirwagamo **Ububasha** bugize **Isoko Irema ya buri Kintu**. Brw2/160

Nazamuwe mu ibonunumva mu Rumuri rwa zahabu, kandi mu gihe nazamukaga muri urwo Rumuri, ruhita ruhinduka umweru wera de, maze menya, mu ibonunumva, ko ubwo nari ngeze ku marembo y'Uburinganire¹² bugize urwego Ruhoraho, Mpuzahose, ruzira Iherezo, rurenze imyumvire y'ubwenge bwa muntu. Brw2/161

URUMURI nararubonaga ariko nta ruhare ndufiteho, kandi na RWO ntirwari rundimo ku buryo bukomeye, kuko urwo rwari urwego 'Mana' rw'icyuho¹³, ikiburaforoma¹⁴ cy'Uburinganire Mpuzahose. Ariko twabashaga gushyikirana, maze rumbuganizamo URUKUNDO rwarwo rurabagirana. Runsharagamo bundi bushya ko rwari

'Umugenzereze¹⁵ wo Kurema, Gutunganya, Gukiza'

URUKUNDO

rugenga imibereho yose. Brw2/162

Menya ko ahari habuze ikintu hose amaherezo hajyaga kuboneka ikihuzura, kimwe nk'uko amazi atemba akuzura ikiyaga.

Ahari ubutindi hajyaga kuba ibyishimo, kuko yari KAMERE y'Impuzahose gucengera ikinyabuzima cyose gifite ubukene ngo ikizanire ubwuzurizwe n'ibyishimo.

Menya ko ahatari ugukura, hajyaga kuvuka ibiteza imbere ugukura.

Menya ko ahari hari ukwiyumvamo ubutsindwe hajyaga kuboneka imihigo ishishikariza abantu gutsinda no kwigirira ikizere. Brw2/163

'Mbona' ko uwo MURIMO W'URUKUNDO uhora utangirwa na 'Data' mu mibereho y'abantu baremerewe washoboraga kutabonwa nk' 'ingabire y'URUKUNDO' n'abo wari ugenewe. Bashoboraga kuba bajandanye mu gahinda kabo, mu kwiyumvamo ubutsindwe, mu kwemera kwabo ko nta cyiza gishobora kuzapfa kibaganyeye, ku buryo bajyaga kunanirwa kugira ikindi babona mu buzima bwabo gisumbye ibyemerwa n'ibiyumviro

¹² Equilibrium (*)

¹³ The 'God' dimension of the void (*)

¹⁴ The no-form (*)

¹⁵ Process (*)

bwite byabo. Ibyo bigatuma bakomeza gushinga imizi mu muriro bo ubwabo biremeye. Brw2/164

Ntibyari ngombwa kumva hari uteye agahinda. icyari gikenewe gusa cyari umutima ugira impuhwe n’umugambi ndakuka wo kubazanira Ukuri ko kubakiza ubujiji bwabo. Brw2/165

Impano iruta izindi umuntu yashoboraga guha undi yari ukumurikirwa gukuraho ubujiji bwo kutamenya imibereho n’amategeko yayo mpuzahose, kuko UKURI kwari ko:

Buri roho imwe imwe yari ihoberewe mu Mpuzahose, kandi urugero IMPANO MPUZAHOSE inyuze mu MURIMO W’URUKUNDO ‘Data’ yageraga mu buzima bwabo rwaterwaga mu buryo bwuzuye n’imyakirire ya buri wese. Brw2/166

Nasanze icyo abantu bari bakeneye byihutirwa kwumva ari icyo nari maze kumenyeshwa. Brw2/167

Bari bakeneye ‘kubona’ no kumva byuzuye umugambi, intego, n’ubushobozi by’URUKUNDO, rwo rwari rugize nyirizina ukuba kwabo. Kubera ubuhakanyi bwabo bashoboraga gushyira ku ruhanda UMURIMO W’URUKUNDO ‘Data’ bawubonamo ‘imihigo itera akababaro’ bityo bakarambarara mu butindwe bwabo ubuziraherezo. Brw2/168

Ubwo mbona ku buryo burushijeho kugaragara ko nari noherejwe gukangurira rubanda ubushobozi bwose bwo kwiyubaka, uburumbuke, ibyishimo n’amahirwe, ariko byari umurimo wabo gukanguka no kubyaza umusaruro iyo mpano. Brw2/169

Ndibuka ko iryo zamurwa ryamaze ijoro ryose, kandi mu gitondo nkabyukana imbaraga ntari narigeze. Ubutumwa bwanjye bwari kwasobanuwe. Nari nabonye, ku buryo busobanutse kurushaho, **Ikirukuri cya ‘Data’, kandi nzi ko uwo muni najyaga gusohoka ngahura n’imbaga z’abantu nkabagezaho ubushobozi n’ubuzima bw’ibyo nari neretswe. Brw2/170**

Ubwo namanukaga mva mu buvumo, ngera ku rutare runini rwari rwitegeye imanga y’umusozi uhanamye cyane. Ubwo ndicara, nshobora kureba mu nsi cyane umujyi twagombaga gusura uwo muni. Brw2/171

Nashoboraga kwiyumvamo wa ‘Mugenzerereze wo gusiba inenge’¹⁶ – ya Mushyiguzi yo ‘Gutuma Byuzuzwa’¹⁷ - ‘Data’ - iserura muri jye kandi nashakaga kuyigeza ku bandi

¹⁶ Perfecting Process (*)

¹⁷ Making Whole Impulse

mbere y'uko ibibazo by'ubuzima bwa buri munsu biyitwikira, na mbere y'uko itakaza ububasha bwayo n'ingufu-nyobozi zayo mu ibonunumva rya kimuntu ryanjye. Brw2/172

Hashize umwanya muto, abigishwa banjye baba bangezeho. Mu kwinjira mu muji babwira abantu kandi babwiriza imbaga zari zirimo zikorana kugana ku kibuga gihanamye cyari inyuma y'insisiro. Mpagarara ku rutare runini hagati yabo ntangira kuvuga. Brw2/173

Ntahura ko umwete n'ibyishimo, inyota, ibyifuzo n'ubushake byisukaga nta mvune mu magambo nababwiraga. Brw2/174

'Murakandamijwe bitavugwa kandi murananiwe. Uko mukura ni ko ibyo mushinzwe birushaho kubaremerera, kenshi inda zanyu ziba zirimo ubusa, imyambaro yanyu ni incabari, abantu barabarakaza, kandi mukumva nta herezo ry'ibyo bibazo byanyu no kuremererwa kwa roho. Brw2/175

'Nyamara uko si ko kuri kw'imibereho yanyu. Imibereho yanyu yari yarateganirijwe kunyurana n'ibyo cyane. 'Iyaba mwashoboraga gusa kureba ahisumbuye ibiyumviro byanyu- iyaba mwashoboraga kuzamura gatekerezi zanyu kugera aho zikora kuri **'Data'** muri mwe, mwajyaga gushobora **'kubona'** no **kumenya** uko imibereho yanyu yakagombye kumera. Mwajyaga gusanga mwararemewe kubaho mu mudendezo, umutekano, ubuzima buzira umuze n'umunezero. Brw2/176

'Nyamara kubera ko buri munsu mubaho mu bwoba bw' 'icyiza n'ikibi' kandi ibyo bikaba ari byo **mwiringira** kandi **mwitega** kurusha uko mwemera ko 'Data' iri **UBUZIMA** n'**URUKUNDO** birumbutse muri mwe, ibazanira ibyangombwa byose by'ubuzima n'imibereho myiza, ubunararibonye bw' 'icyiza n'ikibi' mutinya kurusha ibindi ni bwo mukurura mu mibereho no mu mibiri yanyu. Ibyemerwa byanyu by' 'icyiza n'ikibi' bipfukirana - **BIBUDIKA HEJURU Y'**- ibyo **'Data'** ibabikiye byose mupfa gusa kwemera **'URUKUNDO DATA'**! Brw2/177

'Mushungura none hanyu kandi mukitega ko ejo hazabazanira ibimeze nk'ibyo mwahuye na byo mu gihe cyashize. Ni yo mpamvu ibibi by'ibihe byanyu byashize bikomeza kugaruka mu bihe bizaza. Mwajyanywe bunyago n'ibyo mwibuka hamwe n'ukwemera kwanyu ko icyabaye kigomba guhora kigaruka ngo kibabere umutwaro kandi kibakomeretse. Brw2/178

'Ntabwo mukeneye gukiza imibiri yanyu cyangwa kugerageza guhindura imibereho yanyu myiza kurushaho, mukeneye gukiza ibyemerwa byanyu. Brw2/179

Nababwiye ko nta gikomere kiri mu nsi y'izuba. Brw2/180

‘Iyaba mwashoboraga gukiza ibyemerwa byanyu, kuringaniza ibyemerwa byanyu ku murongo w’ **Umugambi nyakuri ‘Data’** ibafitiye, ibyemerwa bifutamyeye bigenga imibiri n’ubuzima byanyu byayoyoka nk’ibicu ku zuba. Buri kibareba cyose cyahita kigaruka ku **Mugambi Nya-mana** wihishe inyuma y’irema ryose. Brw2/181

‘Mwabona ko kuri buri ngorane, kuri buri kintu kibura cyose cy’ubwoko ubwo ari bwo bwose, iteka hari uburyo bwo kurangiza ingorane, iteka hari uburyo bwo kuzuzanya inkangara yanyu kugira ngo mubone ibyo mukeneye. Brw2/182

‘Mwibwira ko haba iki iyo abarwayi baje nkabaramburiraho ibiganza?

Ese mba ntekereza ibyerekeye indwara, ese mba nibaza niba umuntu ari bukire, ese mba mfite ubwoba ko ‘Data’ ishobora kuba isinziriye cyangwa iri kure ku buryo itanyumva?

Reka da! Ibyo bibaye ibitekerezo byanjye byo gushidikanya, nta gukizwa kwabaho. Brw2/183

‘Iyo umuntu ansanze ngo mukize, mpita nishima kubera ko **nzi** ko **Ububasha** ari bwo **‘Data’** bundimo, bwiteguye kandi butegereje gukiza igihe mbisabye. Ndashimira kubera ko **nzi** ko **‘Ugushaka kwa Data’ ari ubuziramuze**, atari uburwayi. Nuko ngasaba ko **‘Ugushaka kwa Data’** gukorwa muri uwo muntu urwaye. Brw2/184

Mu gihe mvana ukwemera indwara mu mubiri w’umurwayi kandi NZI ko ‘Ugushaka kwa Data’ kw’ubuziramuze kwisuka mu rwungano rwe, n’isura – isura - y’uburwayi ihinduka ikirukuri cy’ ‘Ubuziramuze Data’ noneho umubiri ugasubira kuba mutaraga. Brw2/185

Indwara si ikindi ni ugucyendera kw’ubuyanja - kugabanuka kw’UBUZIMA - mu gice cyafashwe. Garura ‘Ubuzima Data’ ku Ntego nyakuri no ku Mugambi w’urwungano rwawe maze urebe ngo urwungano rwose rurakora uko bikwiye. Brw2/186

Mwabwiwe ko Imana yohereza indwara, ibyorezo, amapfa no kurimbuka ku mahanga iyo atubahirije amategeko yayo, mwabwiwe ko namwe muhanwa n’Imana irakaye kubera ibyaha mwakoze. **Igihano ni iki kindi kitari ubugizi bwa nabi bwifurebye ubugiraneza? Jye** ndababwiye ngo ikibi ntigituruka ku Mana. Imana yashobora ite kugirwa n’ibice bibiri – icyiza n’ikibi? Brw2/187

Ni muri gatekerezi zanyu gusa muhimba icyiza n’ikibi, mukabitekereza kandi mukabyumva mu mitima yanyu gusa. Ibyo bitekerezo n’ibyo byiyumviro ntacyo bipfana n’Imana nyakuri ari yo **‘Data’** muri mwe ibazanira icyiza cyose, mupfa gusa kwemera ko ari ko biri. Brw2/188

‘Kwemera kwanyu kw’icyiza n’ikibi, n’icyiza n’ikibi biri mu mitima yanyu, ni byo bibazanira uburwayi. Brw2/189

‘Amanyakuri ni uko muba mu Ngoma y’Ijuru, kandi Ingoma y’Ijuru ikababamo, kandi mukaba mugengwa na **‘Data’**, ariko kubera ko mwemera ibihano bituruka ku Mana, mukemera ko ibitambo byo mu Hekaru ari byo byonyine bizabakiza, mukemera ko muri abanyamurage b’indwara, ubukene, ubutindi, muremesha gatekerezi zanyu bya bindi nyirizina mudashaka. Brw2/190

‘Mwikwiheba-nimwishime, munezerwe, kandi **mumenye** ko abafite ibyo babura, aho guhanwa no gutereranwa n’Imana, kabone n’iyo baba baracumuye, bafite umugisha by’ukuri. Brw2/191

‘Umuntu utagize icyo afite, ni umukire mu **Bubasha** bwa **‘Data’**, apfa gusa ku**Yitaho**, ku**Yemera** no ku**Yibamo**. Brw2/192

Kuko iyo inda zanyu zuzuye, imibiri yanyu imerewe neza, gatekerezi n’imitima byanyu biri mu mutuzo, ntabwo muba mukeneye ku buryo bwihutirwa ubu nonaha ko **‘Data’** ihaguruka muri mwe ngo ibuzurize ibyo mukeneye. Mwibwira ko ari mwebwe ubwanyu mwiuzuriza ibyo mukeneye ku buryo bworoshye mukoresheje ibitekerezo n’ibiganza byanyu, bityo iyo muvuga Imana mubasha kuvuga gusa ibyo mwumvanye abandi - mwebwe ubwanyu, nta bunararibonye bwite bw’Imana mwifitiye. Brw2/193

‘Nimwitegereze abakire. Bararohamyeye, baboheye, bashaye mu bukungu bwabo. Babyuka mu gitondo bajya mu nduruburi zabo za buri muni, nta kintu na kimwe bazi ku **‘Bubasha bwa Data’** bubarimo. Batekereza ibitekerezo bizatubura ubukire bwabo, ibitekerezo bizakuzanya ‘jye-babona’, batanga amategeko azaremerera ababakorera, bakabaho ubuzima bwabo bakurikije uko babyumva. Ku bw’ibyo, kubera ko bakura ubuzima bwabo bugufi mu mitekerereze migufi yabo ya kimuntu ituruka muri gatekerezi no mu mitima nya-mubiri¹⁸ byabo, bararwara kandi bagahura n’amagorwa angana n’ay’umuntu utagira na mba. Ntibabona ko bariho igicagata gusa kubera ko batabonana n’**Isoko y’UBUZIMA**, **‘Data’** ibarimo. ‘Nta n’ubwo bigera ‘babona’ ko ibyinshi mu byiza byaje mu buzima bwabo bitatewe n’ikoranabuhanga ryabo, ahubwo ari **UMURIMO W’URUKUNDO** wa **‘Data’** ibihishemo. Brw2/194

‘Abayobozi b’amadini barisanzuye mu mutuzo wabo w’imyanya bafite mu butegetsu. Nta kindi bakeneye hejuru yo kuba banyuzwe mu mibiri yabo. Kubera ko nta bumenyi bwite bw’Imana bigirira, bagomba gusoma, mu Bitabo byabo Bitagatifu, amagambo yavuzwe n’abatagatifu hashize imyaka igihumbi, maze bakabwira rubanda icyo batekereza ko ayo magambo asobanura. Brw2/195

‘Nyamara ibyo bavugaga byose bituruka muri twa gatekerezi twabo dufungiranye mu mudendezo w’ubuzima bwabo bwashaye mu kurindira ibyo bazarya n’ibyo bazanywa, n’imyambaro igezweho bazambara kugira ngo bibonekeze muri rubanda. Nta na busa bazi ku ihumekwa ryatanze amagambo yavuzwe n’abahanuzi hashize biriya binyejana

¹⁸ Bodily

byose. Nta n'ubwo bazi niba ayo magambo ari yo mukeneye koko kwumva muri iki gihe, kubera ko ibihe byahindutse. Brw2/196

'Nimunyemere, abakire n'abayobozi b'amadini bakomeye mu by'isi kandi ntibashaka kunyeganyezwa bavanwa ku byo babona nk'ibifite ireme no kuramba mu mpererekane¹⁹ n'imigenzo byabo. Ikinyuranyo icyo ari cyo cyose kizatigisa fondasiyo z'ibyemerwa byabo, bityo n'iz'ubuzima bwabo, ni yo mpamvu bubaka imyugariro ya gatekerezi ngo birinde kuzwamo n'**Ububasha** bwa '**Data**'. Na bo bararwara, kandi na bo, mu buryo bwabo, bahura n'amagorwa nkamwe mutagira umutuzo w'isi. Brw2/197

'Nta tandukaniro riri hagati ya mwebwe mufite duke mu buzima n'abafite byose, kubera ko abakire kimwe n'abakene barwara, biremera abanzi, baba mu bwigunge. Ariko ubushobozi bwanyu ni bwinshi cyane bwo kuronka ibirenze iby'abanyamadini n'abakire bazigera na rimwe bizera kuronka mu byerekeye ubuziramuze, amahirwe, ubucuti, n'umusaruro mu nzira y'ubuzima mwahisemo. Brw2/198

Kandi igihe byose bizaba byujujwe, **muzamenya ko uburyo, ubushobozi, ihumekwa**, byose bizaba byaraturutse kuri '**Data**' **imbere muri mwe**, kubera ko **muzamenya** ko mutari gushobora gukora ibintu nk'ibyo iyo mutajya gusaba '**Data**' imbere muri mwe kubafasha gukoresha impano zanyu zose, kuzaza amafunguro mu tubati twanyu, kubakinga imyambaro mu mugongo no kubahera urubyaro amahirwe n'ubuzima bwiza... Brw2/199

Ibyo byose '**Data**' **izabibakorera**, mupfa gusa gusaba, kandi mukemera, kandi mukamenya, kandi mugahora mwibuka ko ari '**Kamere ya Data**' kurema hanyuma igakungahaza ibiremwa **byayo** byose. Brw2/200

Nkuko mutakwima abana banyu ku bushake ibyo bakeneye, ni ko '**So**' itazabima ku bushake ibyo mukeneye byose kugira ngo mugire imibereho myiza. Niba muri abakene nuko mutarumva **kamere** ya '**Data**'; kandi ntimuranumva ko mugomba gukorana **na** '**Data**' kugira ngo mwuzuze ibyo mukeneye. Mugomba gufata ako kanya **uburyo nyamana** muhawe kugira ngo bubafashe gutera imbere. Brw2/201

'Iyaba nashoboraga gusa kubereka no gukora ku buryo mubona kandi **mukemera** ko iyo muri mu cyunamo, agahinda kanyu kagera kuri '**Data**'. Mu gihe gikwiye, ishavu ryanyu rizahindurwa ibyishimo, mupfa gusa kwerekera '**Data**' maze mukibonera umurimo '**Urukundo Data**' rubakoreramo. Muzahumurizwa ku buryo burenze icyo mwatekerezagako cyose ko gishoboka. Brw2/202

'Mbega ukuntu mugira umugisha iyo mushonje n'iyoye mufite inyota, kuko ibyo mukeneye bizwi na '**Data**'. Brw2/203

¹⁹ Traditions

Mu gihe gito ibyo mukeneye muzabihabwa, niba muretse kwirubana mugatangira gusenga **'Data'** mugasaba, mwemera ko muzahabwa. Brw2/204

'Mushobora mute kwemera ko kugira ngo murye kandi mwambare uko bikwiye mugomba kubanza kujya mu Hekaru gutura ibitambo bitwikwa by'ibiremwa nyabuzima **bya 'Data'** ubwe kugira ngo muhongerere ubucumuzi bwanyu? Ntimushobora kubona ko ibyo binyabuzima mutwika byaremewe kwishimira kubaho, nkuko namwe mwaremewe kwishimira kubaho? Byaremewe kuba no kugira umugisha kuri iyi si, nkuko mwavukiye icyarimwe kuba no kugira umugisha, kuko iyo ari yo **kamere** ya **'Data Rukundo'** yigaragaza mu biremwa **byaYO**. Brw2/205

'Niba mwibuka ko 'icyo mwemera by'ukuri' ari cyo muhabwa, ubwo ntimubona ko icyo cyemerwa cya Kiyahudi cy'ibitambo by'ibinyabuzima mu Hekaru nta kindi kizabazanira kitari ubutindi? Brw2/206

'Nimwemere igihano maze igihano kibe ari cyo muzabona. Nimwemere ko ubwicanyi no kurimbura ari yo nzira iboneye yo kugera ku Mana, maze muzabe ari byo muhura na byo, -ubwicanyi n'uburimbuzi. Brw2/207

'Niba mushonje kandi mukagira inyota, nuko mutera umugongo **'Data'** iri imbere muri mwe. Mu kwiyemerera ibitekerezo byanyu biteye ubwoba, kubura amahoro n'imbyiyumviro byo kwiheba, muba murimo mwiremura imibereho nyirizina mushaka kugorora. Murimo murikorera ubwanyu ibyo bibi byose. Brw2/208

'Kubera iyo mpamvu, murahirwa kurushaho igihe musonzeye kandi mukagirira inyota ubuntu no guhura na **'Data'** iri imbere muri mwe, kuko ibyo bizatuma mwuzurizwa nta kabuza inshuro zisaga ijana. Brw2/209

'Murahirwa nimuterwa kandi mukibwa, kuko muzabona 'Imana-mu-kazi-kayo' kandi mubone ugutabarwa kwikora nimuhagarara nta bwoba mu kwemera kutajegajega. Brw2/210

'Urahirwa nufatwa mu makimbirane, nyamara ugashobora kwita ku muvandimwe wawe kandi ukaba utera mahoro. Utwaye mu mutima wawe urukundo rukomoka kuri **'Data'**, kandi uri umwana wa **'Data'** koko. Brw2/211

'Urahirwa igihe undi yaguhemukiye bikomeye, nyamara ugashobora kubabarira no kugaragaza impuhwe, ureka kumurega mu nkiko no gushaka uburyo bwo kumutoteza. Uhita wunga ubumwe na rwa rukundo ruri 'Imana-igukoreramo', kandi ni uko nawe uzarokorwa mu bihe bibi. Brw2/212

'Abarusha abandi bose guhirwa ni abafite umutima usukuye, kuko abameze batyo baba baripakuruye uburakari bwose, urwango, uguhora, ubugome, ishyari, umutima unangira - kandi bakitwara imbere y'isi

nk’Urukundo rwigaragaje. Bazamenya Ikirukuri cyitwa ‘Imana’ kandi bazamenya ko Ikirukuri ari ‘Data’ uri imbere muri bo. Brw2/213

‘Nashobora nte kubafasha kubona uko kuri guhebuje? Nashobora nte kubafasha kubona ikirukuri cy’Ingoma y’Ijuru, cy’Ingoma y’Imana?’ Brw2/214

‘Ntimugomba kurangamira ijuru kuko si ho muzabona ubukozi bwa **‘Data’** neza ku buryo byagombye kubongerera ukwemera. Aho ni ho abantu, mu myaka amagana, bakoze ikosa rikomeye ryo kureba mu nzuzi no mu mpimbamashusho²⁰ byabo, bituma biremera ubwabo Yehova utabaho. Ntimuzasanga **‘Data’** ahantu runaka mu kirere hejuru yanyu. Ntabwo **‘Data’** ari ahantu hihariye, ahubwo arabakikije hose kandi ari muri buri kintu. Brw2/215

‘Mushobora kubona umurimo utangaje wa **‘Data’**. Nimukebuke impande zanyu ibintu birimo bikura, ingano, ibyatsi, indabo, ibiti n’inyoni, no mu kinyabuzima cyose, muzabona umurimo w’amayobera kandi utangaje wa **‘Data’** ikora ubudahwema. Aha ni ho **‘Data’** igenga byose mu buryo butunganye. Mushobora kubona ko hari itegeko n’umurongo bitunganye, ugukura, iterambere, amaherezo hakaza umusaruro uha umugisha icyarimwe umuntu, inyamanswa n’inyoni. Brw2/216

‘Nimwitegereze ukuntu umuntu iyo amaze guhinga imirima ye, abiba imbuto hose hanyuma akarenzaho itaka. Ahambira ibikoresho bye maze akitahira, yishimiye ko amaherezo imvura nigwa bihagije, azabona ifunguro ryo gutunga abana be. Hagaca iminsi aryama akanabyuka nta kindi akorera imyaka ye, nyamara najya kuyisura azasanga imimero y’icyatsi kibisi irimo ipfumura ubutaka. Nyuma y’aho nasubiraye, abone imikurire y’ibihimba n’ibibabi, nyuma nanone asange imbuto zatangiye kwirema, noneho umunsi umwe azasange intete zarahishije zisa na zahabu zigeze igihe cy’isarura. Hagati aho iyo mikurire yose yabayeho nta ruhare na rumwe abigizemo. Urugano rwakuze mu buryo butangaje adashobora gusobanura. Ibyo se ni ubumaji? **Oya, ni umurimo wa ‘Data’, Ububasha, Ubwenge bwuje Urukundo** mu mpuzahose uko yakabaye, buhumekera mu murimo; ni ubukozi bwa **‘Data’, BUZIMA NYA-BWENGE BW’IMPUZAHOSE.** Brw2/217

‘Iyo winjiye mu Bwami bw’Imana wumva umeze neza, wumva unezerewe kandi wishimye. Mwashobora kwishushanyamo ukuntu umugore yakumva amerewe aramutse atakaje amafaranga menshi, hanyuma akibaza ukuntu ashobora kugaburira abana be? Uwo mugore wo mu rugo yarira, agakubura inzu byimbitse ku buryo nta kavungukira k’umukungungu gasigara -noneho akabona cya giceri cy’agaciro cya feza kihishe mu nguni yijimye, agahita yihanagura amarira, agatangira kumwenyura, noneho akumva ari muzima kandi yishimye ku buryo yirasa hanze guhamagara abaturanyi be ngo bakore umunsi mukuru. Aho yatekerezaga ko yatakaje byose, yisanze ubu nyamara ari umukire. Brw2/218

²⁰ Imagination (*)

‘Ni nk’uko biba bimeze iyo ubonye Ingoma y’ijuru - Ingoma y’Imana. Mu mwanya w’amarira n’ubwoba, w’inzara n’indwara, ubona amahoro, ibyishimo, umudendezo n’ubuziramuze by’Ingoma y’Imana. Ntuzigera na rimwe ugira na kimwe wongera kubura. Brw2/219

‘Ingoma y’Imana ishobora nanone kugereranywa n’umuntu w’umukire cyane wacuruzaga amasaro. Ubuzima bwe bwose yari yarifuje kubona isaro ridasanzwe, rimurika kurusha ayandi, ritagira inenge kandi ritunganye, ryatuma agirirwa ishyari n’undi mucuruzi wese. Umunsi umwe abona iryo saro, ryiza kurenza impimbamashusho, ritunganye kurenza ayandi yose. Agurisha ibyo yaratanze byose, areka ibyo yari yararunze byose kugira ngo agure iryo saro, maze arishima birenze inzosi. Brw2/220

‘Ibyo bivuga iki? Bivuga ko ibintu byose yari yarahaye agaciro mbere mu buzima bwe - inzu ye itatse ibikoresho by’ubukire, iby’agaciro yaratanze, uburyo bwe bwo kubaho, ibiribwa n’ibinyobwa bihagije, yabirekuye byose yishimye kugira ngo atunge ubukire butagira igiciro – **ubumenyi bumujyana mu Ngoma y’Imana, aho umunezero ari imimerere ya gatekerezi idashobora guhubanganywa n’isi yo hanze hamwe n’ibytonderwa n’imihangayiko byayo.** Brw2/221

‘Ingoma y’Imana’ ibarimo imbere, mwinjira mu Bwami bw’Imana iyo mumenye neza ko ‘Data’ iri ku kazi muri mwe mu bihe byose. ***Ni imimerere ya gatekerezi, yo kubona neza no gusobanukirwa ko Ukuri kuri inyuma n’imbere mu bigaragara byose ari ‘Data’, kandi ko guhebuje, ko gutunganye, kandi ko ibintu byose binyuranye n’ubwiza, no kunoga, n’ubuziramuze, n’umudendezo ari ibiremwa by’imitekerereze ifutamyeye ya muntu.*** Brw2/222

‘Mbega agahinda nagize kubera mwe mubabara, ariko si ngombwa ko mubabara nimutega amatwi ibyo mfite kubabwira. Ariko ngomba kubaburira ko Inzira ijyana mu Bwami bw’Ijuru bikomeye kuyikurikira, kuko bishaka kuvuga ko mugomba mbere na mbere guhangana na ‘jye-babona’ yanyu. Brw2/223

‘Kuki ari ‘jye-babona’ mugomba guhangana na yo? ***Kuko mu cyifuzo cyanyu cyo kurinda no guteza imbere ibyiza bwite byanyu haturuka ibitekerezo, amagambo n’ibikorwa byanyu by’ubwibone.*** Brw2/224

‘Yenda muribwibaze muti ‘Kuki ibyo nagomba kubihangayikira?’ Niba ibyo uvuga ari ukuri, ko nta gihano kibaho, ko ‘Imana’ itabona inabi yacu,- kuki noneho twagombye kwitondera imyitwarire yacu? Brw2/225

‘Aha hari byinshi byo kwiga ku buryo ntabona neza aho guhera. Brw2/226

‘Nkuko nabisobanuye, mukomora UBUZIMA bwanyu kuri ‘Data’, bishaka kuvuga ko ubushobozi bwanyu bwo gutekereza no gukunda mubukomora kuri ‘Data’. Rero nkuko ‘Ubwenge Data’ burema, ni na ko ibonunumva ryanyu na ryo rirema. Gatekerezi zanyu n’imitima yanyu ni byo muremesha imigambi y’ubuzima bwanyu n’ibyo muzahura na byo. Brw2/227

‘Kandi se ni ubuhe bwoko bw’ubuzima mugambirira kandi murema muri gatekerezi yanyu? Iyo umuntu abateye ibibazo cyangwa abakomerekeje, murihorera mu buryo bumwe cyangwa ubundi, mwemera ko niba ijisho ryanyu barikuyemo mugomba kwitega ko iry’uwo muhanganye na ryo rikurwamo. Mwemera ko uwishe uwo ari we wese agomba kwicwa mu rwego rwo guhanwa no gutanga indishyi, mwemera ko ubibye uwo ari we wese agomba kwishyura ikiguzi, ko ubatwariye umugore yagombye kwicishwa amabuye hamwe na we. Mwemera ko hagomba imponyano ku kintu kibi cyose muhuye na cyo. Brw2/228

‘Kubera ko ari kamere muntu gukomeretsa abandi, kandi mukaba mwaratojwe kwihorera, ubuzima bwanyu ni urubuga ruhoraho rw’intambara, intambara mu rugo hagati y’abagabo, abagore, abana, abaturanyi, abayobozi, no hagati y’ibihugu. ‘So’ ntacyo izi kuri iryo gombaniriro mu buzima bwanyu, ariko izi intugunda zivuka muri za gatekerezi zanyu no mu mibiri bivuye kuri ayo makimbirane ariko ntacyo ishobora gukora - ntacyo cyo kworoshya ububabare bwanyu - kugeza ubwo mwebwe ubwanyu muhagarika iyo ntambara. Ni mwebwe ubwanyu mugomba kureka kumarana maze mukabana mu mahoro n’umuryango wanyu, n’abaturanyi, n’abakozi, n’abategetsi n’ibindi bihugu. Brw2/229

‘Ubwo gusa ni bwo UMURIMO W’URUKUNDO ‘Data’ ushobora gutangira muri gatekerezi, imitima, imibiri n’imibereho byanyu. Ubwo gusa ni bwo muzashobora kumenya no kubona Umurimo w’Urukundo ukorerwa na ‘Data’ muri mwe - kandi kubera mwe. Brw2/230

‘Kandi mwibuke rya TEGEKO nyamukuru: ‘MUSARURA NEZA NEZA UKO MUBIBA’. Ntimushobora gusoroma imbuto z’umutini ku mifatangwe, cyangwa imizabibu ku biti by’amahwa, cyangwa gusarura ingano ku rumamfu. icyo nimugitekerezeho kandi mwumve neza uyu mugani kuko ubafitiye akamaro cyane, - bitari irya none gusa - ahubwo no mu minsi yanyu yose no mu myaka iri imbere, ndetse n’iteka ryose. Brw2/231

‘Nuko rero, niba mushaka guhindura ubuzima bwanyu, - nimuhindure ibitekerezo byanyu,

Muhindure amagambo yanyu ava muri ibyo bitekerezo,

Muhindure ibikorwa byanyu biva mu bitekerezo. Brw2/232

‘Ikiri muri gatekerezi zanyu kizarema ibibabaho byose, uburwayi bwanyu, ubukene, kutanezerwa no kwiheba’. Brw2/233

Umuntu atera hejuru arambwira ati: ‘Tubwire Mwigisha , ni gute twakomeza kubana mu mahoro n’abaturanyi bacu, niba na bo ubwabo nta mahoro baduhaye?’ Brw2/234

Mubwira mwenyura nti : ‘Iyo umuturanyi wawe aje akugana akakubwira ko hari ahantu agomba kujya kandi ko atifuza kugenda wenyine, akagusaba kumuherekeza, ubigenza ute?’ Brw2/235

Uwo muntu araseka. Ati: ‘Niba umuturanyi wanjye yashakaga kunkura mu byo nakoraga ntabwo nakwishima. Namubwira ko mpuze, ko ashaka undi umuherekeza’. Brw2/236

Ndabaza nti: ‘Hanyuma umuturanyi wawe yakumva ameze ate?’ Brw2/237

Umuntu aterura intugu ati ‘Simbizi’. Brw2/238

Nti ‘Ubutaha numukenera kugira ngo agire icyo agukorerwa azasubiza ate ku cyo uzaba umusabye ?’ Brw2/239

Umuntu ntiyongera guseka. Ntiyasubiza. Brw2/240

Undi muntu aravuga ati ‘Azamurahirira amubwire ngo najye kwifashisha ahandi’. Brw2/241

Mbwira rubanda nti: ‘Yasubije neza. Hanyuma *we* azumva ameze ate?’ Natungaga agatoki wawundi wari wavuze mbere, musekera. Brw2/242

Umugore avuga cyane hejuru y’ibitwenge ati ‘Azabwira buri wese azahura na we ukuntu afite umuturanyi wikunda kandi w’umutindi. Wenda azashaka kumubabaza mu buryo bumwe cyangwa ubundi’. Brw2/243

Basakuza babyikiriza, na njye nzunguza umutwe ngira nti:

‘Yego, azaba yaribagiwe ko umuturanyi we yigeze kumusaba ngo amuherekeze ikirometero cyangwa bibiri akamwangira. Ntazabona ITEGEKO ry’ISARURA n’IBIBA rikorera mu buzima bwe. Yaritangije igihe yangaga guherekeza umuturanyi we ikirometero kimwe none ubu arasarura ingaruka z’imyifatire ye n’ibikorwa bye. Bimaze iki rero kurakara niba ari we ubwe wabyiremeye?’ Brw2/244

Abantu baraseka, bazunguza umutwe kandi barabwirana. Ntibari barigeze bumva ubumenyi nk’ubwo bw’imyitwarire ya muntu. Aha hari hari inyangisho nshya deredere. Brw2/245

Ndababwira nti: ‘Mbagire inama. Umuturanyi wawe naza agusaba ko mugendana ikirometero cyangwa ikindi icyo ari cyo cyose cyatuma arushaho kugubwa neza no kwishima, ujye ubanza utekereze icyo wakwifuzako agukorera nawe uramutse umukeneye? Wakwifuzako asubiza ate ikibazo cyawe?’ Brw2/246

Imbaga yose irajujura maze nshobora kubona ko bari bumvise icyo nari ndimo mbabwira. ‘Mu by’ukuri, niba umuturanyi wawe agusabye ko mugendana ikirometero, bikorane ibyishimo utagoranye, kandi witeguye gukora ibirometero bibiri bibaye ngombwa. Iyo mwangiye abantu, ntimubibona ariko mudanangira gatekerezi n’imibiri mwiteguye kwirinda agahato ko gukoreshwa ibyo mudashaka gukora. Mudanangira gatekerezi n’imibiri ubwo na **‘Data’** na yo ikaba iradanangiye ntishobore gukora **UMURIMO Wayo W’URUKUNDO** muri mwe, maze muri uko kunangira hagakomoka uburwayi. Brw2/247

‘Nanone mushobora guhura n’umuntu wugarijwe n’ubukene, wishwe n’imbeho kandi utanezerewe. Ashobora kugusaba ikoti ryawe. Wimurenga umureba nabi’. Abantu bamwe baraseka. Bari bazi ko ari ko babigenza. ‘Oya, muhe ikoti ryawe, kandi niba akonje koko, muhe n’igishura cyawe. Hanyuma ukomeze inzira yawe wishimye’. Brw2/248

‘Ngo nishimye?’ Iryo ni ijwi ry’umuntu utabyemera wabazaga. Brw2/249

Ndaseka ndavuga nti: ‘Yego muvandi, - wishimye! Icyo mbere kuko warufite ikoti n’igishura byo gutanga, hanyuma nanone wishimye kuko ubu usanze nawe ubwawe ukeneye ikoti n’igishura, **‘So’** iri muri wowe izagusubiza bidatinze ikoti n’igishura mu buryo butunguranye. Naho numuha ikoti n’igishura, noneho ugakomeza kugenda winuba ngo – ‘Ubu se kuki nabikoze? Nari nasaze. Ubu noneho ni *jye* ngiye gukonja mu mwanya we, n’abantu baranseka kuko natanze ikoti ryanjye n’igishura singire icyo nsigarana, -kandi se umugore wanjye aravugako iki ningera mu rugo?’ Brw2/250

Abantu barimo bazunguza umutwe banaseka, basetswa n’ishusho y’umuntu utanga ikoti n’igishura nyuma akibuka inabi yikoreye ubwe. Nari nzi ko kenshi cyane bigomwako ngo bafashe abandi, noneho nyuma bakicuza ubuntu bwabo. Brw2/251

Ntegereza akanya, nyuma ndangurura ijwi kugira ngo banyumve neza, nti: ‘Ariko sinababwiye ko MUSARURA uko MWABIBYE? Sinababwiye neza ko ibitekerezo, amagambo, ibikorwa byanyu bibaremera ibyo muzahura na byo? Ubwo rero ni iki ushaka kubiba kugira ngo uzagisarure nyuma yo guha umunyamahanga ikoti n’igishura byawe? Urashaka ko impano zawe zikugarukira – cyangwa urashaka kuba nta kotu n’igishura mu gihe kirekire cyane, kuko ari byo bizakubaho nukomeza inzira yawe urakaye kandi ubabaye kubera ko watanze ikoti n’igishura byawe. Amagambo n’ibikorwa byawe bizadanangira, bikomeze nk’urutare ubukene wikururiye utanga ikoti n’igishura byawe. Brw2/252

Abantu ntibongera kumwenyura no guseka, bari batuje cyane kandi bateze amatwi ubudahuga. ‘Nimwibuke, mubanze abandi icyo mwifuza ko babakorera, bityo mugire amahoro n’ibyishimo muri gatekerezi no mu mitima byanyu noneho **‘Data’** ibashe gukora **UMURIMO W’URUKUNDO Wayo** mu mibiri, gatekerezi n’imitima byanyu. Nimutange, mutange mutitangiriye, kandi mwishimire ko mufite impano zo guha abazikeneye, kuko uko mutanga ari ko impano zanyu zizabagarukira mu buryo muzaba muzikeneye kurusha ubundi. Mutange n’umutima wishimye, mutange mwemera kandi muzi ko ahari ikibura mu buzima bwanyu ari ko **‘Data’** izakora ititangiriye **UMURIMO W’URUKUNDO Wayo** muri mwe - no ku nyungu zanyu. **Ntimukagire icyo mukorana umutima uremereye, kuko umutima uremereye ari wo muzakomeza kugira. Mutange icyo ari cyo cyose n’umwuka w’ibyishimo, kugira ngo buri kintu mu buzima bwanyu kibazanire ibyishimo gusa n’urumuri rwa roho.** Brw2/253

Umugabo umwe avuga uko abyumva ati: ‘Ibyo binyuranyije na kamere muntu. Birasanzwe guhangayikira ahazaza. Imyambaro irahenda, kubona ibiribwa ntibyoroshye, Ubuzima ni intambara ihoraho.’ Brw2/254

Musubiza ndanguruye ijwi kuko yararimo avuga gusa icyo nari nzi ko abenshi mu banyumvaga batekerezaga. Brw2/255

‘Ariko ntabwo *uzi bidasubirwaho* ko ejo uzagomba kurwana intambara kugira ngo ubeho. Ntuzi niba ejo utazabona akazi gashimishije, cyangwa niba utazahura n’ikindi kintu gitanganje. Ibyo ntabyo *uzi* - ariko urimo urishimangirira wowe ubwawe kutazabona akazi gashimishije, cyangwa ngo ugire indi mana mu buzima bwawe - kubera ko urimo urema ibizakubaho ejo.’ Brw2/256

Ararakara. Ati : ‘Jyewe? Ndimu ndabikora gute?’ Brw2/257

Nti ‘Simaze kubikubwira?’ Mpindukirira rubanda nseka. Nti ‘Nimumbwire uburyo uyu mugabo uri imbere, wambaye igishura cy’umutuku, yiremeye ibizamubaho ejo ?’ Brw2/258

Imbaga iraceceka, noneho umusore ukiri muto cyane, Mariko, atera hejuru ati: ‘Ndabizi. Yavuze ko azagomba guhirimbana kugira ngo agure ibiribwa n’imyambaro. Watubwiye ko ibyo dutekereza kandi tuvuga ari byo tuzabona’. Brw2/259

Ndavuga nti: “Ni byo! Uri umwana w’umuhanga. Wabyumvise. Wirinde kwiremera ubwawe ibyo udashaka. Kandi nzanezewa n’uko uba umwigishwa wanjye numara gukura n’ababyeyi bakakurekura’. Brw2/260

Bamwe baraseka - ariko abandi baryumaho. Nashoboraga kubona ko nta na kimwe bemeraga mu byo navugaga. Brw2/261

‘Ntimuzinjira na rimwe mu Bwami bw’Ijuru mukoresheje guhangayika. Niba uyu munsu muri mu ngorane kuki byabatera kuganya? Kunyura hose muniha ni byo bizatuma murushaho kumererwa neza, amarira yanyu ni yo azabakeshereza umunsu? Nanone niba muhangayikishijwe n’uko ejo muzamera, murimo muraremereza ejo hanyu hazaza kandi harabatera kunanirwa mutaranahagera. Kuki mwakora ibyo? Ni iki cyiza bizabamarira? Ni ryari guhangayika byigeze bigira icyo bibazanira? Ni nko kugerageza kuba barebare mukoresheje guhangayikira ko muri bagufi. Brw2/262

‘Oya, mwirambiriza ku bintu mudafite. Nimurambirize ku bintu **bishobora kuba ibyanyu** nimwerekera **‘Data’** iri imbere muri mwe, kandi mukayisabana ukwemera gushyitse, mwemera ko muzahabwa,- kandi ndababwira, nta bwoba mfite bwo kuvuguruzwa, ko muzabihabwa. Ariko mugomba gusaba uko bikwiye – mwemera. Ntacyo muzironkera nimusaba ariko mu gihe musaba mukibaza niba mwumviswe cyangwa niba **‘Data’** izakunda kubaha icyo mushaka. Ubwo ni bwo buryo bwo gutanga bw’abantu, ariko si bwo buryo bwa **‘Data’** itanga ititangiriye kandi ikabuzuriza ibyo mukeneye. Brw2/263

‘Data’ ibasenderezaho buri gihe impano **Zayo**, impano z’ibiryo bihagije, imyambaro, inzu, incuti, mupfa gusa kugira umutima na gatekerezi bisukuye, kandi mukiringira ubutaretsa **‘Data’** nk’inkingi ibashyigikiye umunota ku wundi. Brw2/264

‘Nimusenga ntimuronke, ntimugatekereze na gato ko **‘Data’** itabaho, cyangwa ko **‘Data’** itabumva, ahubwo mugomba kwibaza ubwanyu **ikibarimo** kibuzza **UMURIMO W’URUKUNDO wa ‘Data’** gukorerwa muri mwe no kubera mwe. Brw2/265

‘Niba mugiyeye ku ruhimbira gusenga cyangwa gutura igitambo, hanyuma igihe mukiri mu nzira mukibuka ko hari uwo mwashwanye, nimugaruke musange uwo muntu mwiye na we. Noneho nimwegera **‘Data’** mu isengesho, muzaba mufite gatekerezi isukuye kandi ikeye, noneho muzumvwe na **‘Data’** kandi **‘Data’** izashohobore kubasubiza, ibahe ibyo mukeneye byose, mu mahoro no mu mutuzo by’ukuba kwanyu. Brw2/266

‘Niba kugera nanubu mutarashobora kwemera ko **‘Data’** yita ku byo yaremye, nimukebuke ibibakikije murebe indabo zirabagirana mu mirima ukuntu ari nziza! Muzirikane igitekerezo gihambaye cyahanze imiterere, ubwiza bwazo. Muzakura he amabara mubona ku mababi yazo? N’ubwenge bwe bwose Salomoni ntiyashoboye kwidodeshereza imyambaro ifite ubwiza nk’ubwazo. Nimwitegereze ukuntu indabo zikurura inzuki noneho inzuki zigafasha kuzana imbuto z’ibihe bizaza, zigatuma isi yanyu iba nziza kandi zikabagaburira. Kuki mudashobora kwemera kandi ngo mwizere

‘**Data**’ mu gihe isi ibakikije yateganyijwe, yahanzwe kandi yitaweho mu buryo nkubwo butangaje? Brw2/267

‘Ariko mwibuke – biriya binyabuzima bimera n’ibiti ntibyigana inyoko muntu ngo bibabazwe n’umugabane wabyo, byibone nk’ibishonje binambaye ubusa, bityo ‘ntibiremura’ umurimo ‘**Data**’ ibikorera. Brw2/268

‘Ni mwebwe n’ukwijujuta kwanyu kwa buri gihe muvuga ubukene bwanyu, urugomo mugirirana, imbaraga mushyira ku guhana, kujora n’amazimwe byanyu, ni byo bituma ubukene bwanyu, -n’uburwayi bwanyu,- bigira imbaraga, umunsi ku munsi. Brw2/269

‘Nababwiye ibyo byose, mwe murwaye, kugira ngo mbategurire gukira. Ntimushobora gukira, keretse mwemeye n’umutima wanyu wose ko ugukira kuribube. Mwibuke ko uburwayi bw’umubiri bukomoka mu ndwara za gatekerezi, nk’imyitwarire mibi yanyu, inzika, imijinya, inzagano. Brw2/270

‘**Urukundo Data**’ ni rwo soko y’ubuziramuze bwose, ni yo mpamvu ibitekerezo byose n’ibiyumviro binyuranye n’ ‘**Urukundo Data**’ bizana uburwayi. Brw2/271

‘Rero nkuko ibibi byanyu byose n’indwara bitangirira muri gatekerezi –**ni na ko ibyiza byanyu ari ho bitangirira.** Brw2/272

‘Ujye wita ku muturanyi wawe nkuko wiyitaho ubwawe. Brw2/273

‘Ujye uha umugisha umuturanyi wawe igihe mufite icyo mupfa, umusabire igihe akwutse inabi, umufashe uko ushoboye mu bihe byose, kabone n’iyo yagutera umugongo, kuko gutyo uba wubaka icyiza muri gatekerezi no mu bitekerezo byawe, maze icyiza kikazaba umusaruro w’ibiba ryawe. Si ibyo gusa kandi – uba unarimo uzana gatekerezi yawe ku murongo kandi ukayinywanya na ‘**Data**’ imbere muri wowe, we ‘**Rukundo Rwuzuye**’. **Ibyo iyo byujijwe ‘Data’ ibasha kugukoreramo UMURIMO Wayo nta makemwa W’URUKUNDO.**’ Brw2/274

Ndangije kuvuga, abantu banzanira abarwayi babo maze barakira, hakurikijwe ukwemera kwabo. Brw2/275

Ibaruwa ya 3 izabatekerereza izindi **nyigisho za Kristu** kandi isobanure ibyabaye byaganishije ku kubambwa no ku rupfu bye. Asobanura ingingo ku yindi mu magambo ababaje Isangira rya Nyuma n’intumwa ze, aho yisanze ari wenyine kuri roho kubera ko intumwa ze, kugeza ku wa nyuma, zanze kwemera ko yari kuzabambwa. Inshuro nyinshi yumviswe nabi, kandi yongera kwibonera umusaruro muke yagezeho mu kwigisha umuntu wese mu **butumwa bwe** bw’imyaka itatu. Kwigendera byaramushimishije. Brw2/276

Ni icyifuzo cyanjye, Kristu, kirusha ibindi imbaraga ko aya MABARUWA atangazwa vuba akagezwa ku bashaka Ukuri. Nimushaka kugaragaza ko ibyo muvuga mwabikuye muri aya MABARUWA, muje mugaragaza isoko neza cyane, mutya: AMABARUWA YA KRISTU, www.christsway.co.za, (Izina ry'Igitabo: *KRISTU ARAGARUTSE-ARIVUGIRA UKURI KWE*).

**URUTONDE RW'AMAGAMBO
AMWE N'AMWE Y'INGENZI
ASOBANUYE**

Abantu bari barasharazwemo (the people indoctrinated/ les gens endoctrinés): Abantu bari baracengejwemo.

Abarabini (the Rabbis./ les Rabbins): Abigisha mu idini rya gakondo ry'Abayahudi/
Akakikorakorera (Experience/ expérimenter personnellement) : akakimenyera we ubwe, atari inkuru mbarirano.

Bubasha Buremyi bwa gatekerezi (creative mind power/ puissance créatrice de l'esprit): ubushobozi gatekerezi ifite bwo kurema.

Butagira iforoma (unformed state/ état non matérialisé) : budafatika, butagaragara.

Guhambira - Kujugunya.(Bonding–Rejection/ Attirance – Rejet) : Gukurura wiyegereza, uzana iwawe - Kujugunya wirukana ibyo cyangwa abo udashaka.

Ikiburaforoma (the no-form/sans forme) kitagira isura.

Ikiremwa (Being/un être) : ikiriho.

Ingeruzabahizi (challenges /défis): ingorane uhura na zo mu nzira yo gukora ibyo wiyemeje (imihigo).

Impimbamashusho (Imagination /Imagination) : ubushobozi bwo kwishushanya ikintu mu bwenge.

Kunyeganyeza (Influence/ influencer) : Kugira uruhare mu myitwarire y'undi muntu.

Kunywanya (bring into attunement/ mettre en harmonie/ syntoniser) : guhuza mahwi.

Mu marembo y'Uburinganire (Portals of the Equilibrium /Aux portails de l'équilibre) : Ku muryango w'ahatuye Ibonunumva Mpuzahose.

Mushyiguzi z'impanga (Twin impulses/ Impulsions Jumelles) : Imbaraga ziteganye kandi zihwanyije umurya.

Ubumuntu buhumeka Imana (Spiritualized humanhood/ condition humaine spiritualisée): Ubumuntu burimo umwuka w'Imana.

Ubuntu bw'impano (essence of giving/ Essence du don): ikigize gutanga.

Ukuba (Being/le fait d'être) : ubuzima.

Ukubaho (Being/le fait d'exister): imibereho.

Umugenzerewe wo gusiba inenge (Perfecting Process /Processus de Perfectionnement): imikorere iteganyijwe yo kunononsora ikintu.

Umugenzerewe wo Kurema (Creating Process'/ processus de Création): imikorere y'ukurema.

Umuhito (Expression) : ukwigaragaza, isura.

Urwego 'Mana' rw'icyuho (the 'God' dimension of the void/ la dimension « Dieu » du vide): mu cyo twita "ubusa" ni ho Imana ituye!

Urwego ruremyi mpuzahose (Creative universal dimension /Dimension créatrice universelle): urwego rusumba izindi zose mu kurema.